



Umwaka wa 64
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 10/05/2025

Year 64
Official Gazette n° Special of
10/05/2025

64^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
10/05/2025

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup

Itaka rya Minisitiri w'Intebe/ Prime Minister's Order/ Arrêté du Premier Ministre

Iteka rya Minisitiri w’Intebe n° 009/03 ryo ku wa 09/05/2025 rishyiraho sitati yihariye igenga abakozi bashinzwe igorora.....1

Prime Minister’s Order n° 009/03 of 09/05/2025 establishing the special statute governing correctional officers.....1

Arrêté du Premier Ministre n° 009/03 du 09/05/2025 portant statut particulier régissant les agents correctionnels.....1

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 009/03 RYO KU WA 09/05/2025 RISHYIRAHO SITATI YIHARIYE IGENGA ABAKOZI BASHINZWE IGORORA	PRIME MINISTER'S ORDER N° 009/03 OF 09/05/2025 ESTABLISHING THE SPECIAL STATUTE GOVERNING CORRECTIONAL OFFICERS	ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 009/03 DU 09/05/2025 PORTANT STATUT PARTICULIER RÉGISSANT LES AGENTS CORRECTIONNELS
<u>ISHAKIRO</u>	<u>TABLE OF CONTENTS</u>	<u>TABLE DES MATIÈRES</u>
<u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE	<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije	<u>Article One:</u> Purpose of this Order	<u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté
<u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura	<u>Article 2:</u> Interpretation	<u>Article 2:</u> Interprétation
<u>Ingingo ya 3:</u> Ibyiciro by'abakozi bashinzwe igorora	<u>Article 3:</u> Categories of correctional officers	<u>Article 3:</u> Catégories des agents correctionnels
<u>Ingingo ya 4:</u> Abandi bakozi ba RCS batari abakozi bashinzwe igorora	<u>Article 4:</u> Other staff of RCS who are not correctional officers	<u>Article 4:</u> Autres membres du personnel du RCS qui ne sont pas des agents correctionnels
<u>UMUTWE WA II:</u> KWINJIRA MU MURIMO N'AMAHUGURWA Y'IBANZE	<u>CHAPTER II:</u> ENTRY IN SERVICE AND BASIC TRAINING	<u>CHAPITRE II:</u> ENTRÉE EN SERVICE ET FORMATION DE BASE
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Gushaka abakozi	<u>Section One:</u> Recruitment	<u>Section première:</u> Recrutement
<u>Ingingo ya 5:</u> Ibishingirwaho mu gushaka abakozi	<u>Article 5:</u> Conditions for recruitment	<u>Article 5:</u> Conditions de recrutement

<u>Ingingo ya 6:</u> Ibisabwa kugira ngo umuntu agirwe umukozi ushinzwe igorora	<u>Article 6:</u> Requirements for a person to be recruited as a correctional officer	<u>Article 6:</u> Conditions requises pour qu'une personne soit recrutée en tant qu'agent correctionnel
<u>Ingingo ya 7:</u> Impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi bisabwa kuri buri cyiciro	<u>Article 7:</u> Degree or certificate required for each category	<u>Article 7:</u> Diplôme ou certificat requis pour chaque catégorie
<u>Ingingo ya 8:</u> Uburyo bwo kwinjira mu murimo wo kugorora	<u>Article 8:</u> Modalities for entry in correctional service	<u>Article 8:</u> Modalités d'entrée en service correctionnel
<u>Icyiciro cya 2:</u> Amahugurwa y'ibanze ahabwa umukozi ushinzwe igorora n'uburyo bwo kwinjira mu murimo wo kugorora	<u>Section 2:</u> Basic training for a correctional officer and modalities for entry in correctional service	<u>Section 2:</u> Formation de base pour un agent correctionnel et modalités d'entrée au service correctionnel
<u>Ingingo ya 9:</u> Amashuri ya RCS	<u>Article 9:</u> RCS schools	<u>Article 9:</u> Écoles du RCS
<u>Ingingo ya 10:</u> Ibyiciro by'inyigisho z'ibanze zihabwa abakozi bashinzwe igorora	<u>Article 10:</u> Categories of basic training for correctional officers	<u>Article 10:</u> Catégories de la formation de base des agents correctionnels
<u>Ingingo ya 11:</u> Amategeko agenga abari mu mahugurwa y'ibanze	<u>Article 11:</u> Rules governing candidates who undergo basic training	<u>Article 11:</u> Règlements régissant les candidats qui suivent la formation de base
<u>Ingingo ya 12:</u> Ibigenerwa abari mu mahugurwa y'ibanze	<u>Article 12:</u> Entitlements of candidates who undergo basic training	<u>Article 12:</u> Avantages alloués aux candidats qui suivent une formation de base
<u>Ingingo ya 13:</u> Gahunda y'inyigisho z'ibanze	<u>Article 13:</u> Curriculum for basic training	<u>Article 13:</u> Programme de formation de base
<u>Ingingo ya 14:</u> Amasezerano y'amahugurwa	<u>Article 14:</u> Training contract	<u>Article 14:</u> Contrat de formation

<u>Ingingo ya 15:</u> Kurahira	<u>Article 15:</u> Taking oath	<u>Article 15:</u> Prestation de serment
<u>Ingingo ya 16:</u> Itangwa rya numero y'akazi	<u>Article 16:</u> Allocation of a service number	<u>Article 16:</u> Attribution d'un numéro de service
<u>Ingingo ya 17:</u> Amategeko agenga umurimo wo kugorora	<u>Article 17:</u> Rules governing correctional service	<u>Article 17:</u> Règles régissant le service correctionnel
UMUTWE WA III: AMAPETI, ISUZUMABUSHOZI N'IZAMURWA MU MAPETI	CHAPTER III: RANKS, PERFORMANCE APPRAISAL AND PROMOTION IN RANKS	CHAPITRE III: GRADES, ÉVALUATION DES PERFORMANCES ET AVANCEMENT EN GRADES
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Amapeti, ubusumbane n'uko bukurikirana	<u>Section One:</u> Ranks, hierarchy and order of precedence	<u>Section première:</u> Grades, hiérarchie et ordre de préséance
<u>Akiciro ka mbere:</u> Amapeti	<u>Subsection One:</u> Ranks	<u>Sous-section première:</u> Grades
<u>Ingingo ya 18:</u> Akamaro k'amapeti	<u>Article 18:</u> Role of ranks	<u>Article 18:</u> Rôle des grades
<u>Ingingo ya 19:</u> Ibyiciro by'amapeti y'abakozi bashinzwe igorora	<u>Article 19:</u> Categories of ranks of correctional officer	<u>Article 19:</u> Catégories des grades des agents correctionnels
<u>Ingingo ya 20:</u> Aho amapeti yambarwa	<u>Article 20:</u> Place where ranks are worn	<u>Article 20:</u> Endroits de port des grades
<u>Ingingo ya 21:</u> Ipeti ry'agateganyo	<u>Article 21:</u> Temporary rank	<u>Article 21:</u> Grade temporaire
<u>Akiciro ka 2:</u> Ubusumbane, gutanga amabwiriza no gukoresha ubuyobozi mu bakozi bashinzwe igorora	<u>Subsection 2:</u> Hierarchical order, issuance of orders and exercise of authority within correctional officers	<u>Sous-section 2:</u> Ordre hiérarchique, émission des commandes et exercice de l'autorité au sein des agents correctionnels

<u>Ingingo ya 22:</u> Ukurutanwa kw'abakozi bashinzwe igorora	<u>Article 22:</u> Hierarchical order of correctional officers	<u>Article 22:</u> Ordre hiérarchique des agents correctionnels
<u>Ingingo ya 23:</u> Gutanga amabwiriza muri RCS	<u>Article 23:</u> Issuance of orders within RCS	<u>Article 23:</u> Émission des commandes au sein du RCS
<u>Ingingo ya 24:</u> Ubuyobozi bushingiye ku nshingano	<u>Article 24:</u> Authority by appointment	<u>Article 24:</u> Autorité liée à la fonction
<u>Icyiciro cya 2:</u> Isuzumabushobozi	<u>Section 2:</u> Performance appraisal	<u>Section 2:</u> Évaluation des performances
<u>Ingingo ya 25:</u> Isuzumabushobozi	<u>Article 25:</u> Performance appraisal	<u>Article 25:</u> Évaluation des performances
<u>Ingingo ya 26:</u> Uburyo bwo gukora isuzumabushobozi	<u>Article 26:</u> Performance appraisal modalities	<u>Article 26:</u> Modalités d'évaluation des performances
<u>Ingingo ya 27:</u> Ibyiciro by'abakozi bashinzwe igorora bakorewe isuzumabushobozi	<u>Article 27:</u> Performance classification of correctional officers appraised	<u>Article 27:</u> Classification de la performance des agents correctionnel évalués
<u>Icyiciro cya 3:</u> Izamurwa mu mapeti	<u>Section 3:</u> Promotion in ranks	<u>Section 3:</u> Avancement en grades
<u>Ingingo ya 28:</u> Umuyobozi ufite ububasha bwo kuzamura mu mapeti	<u>Article 28:</u> Competent authority to promote in ranks	<u>Article 28:</u> Autorité compétente pour l'avancement en grades
<u>Ingingo ya 29:</u> Ibishingirwaho mu kuzamura mu mapeti ofisiye	<u>Article 29:</u> Conditions for promotion in ranks of an officer	<u>Article 29:</u> Conditions d'avancement en grades d'un officier
<u>Ingingo ya 30:</u> Igihe ngenderwaho gisabwa mu kuzamura ofisiye ku ipeti ryisumbuye	<u>Article 30:</u> Standard period required to promote an officer to higher rank	<u>Article 30:</u> Délai standard requis pour avancer un officier en grade supérieur

<u>Ingingo ya 31:</u> Ibishingirwaho mu kuzamura mu mapeti umusuzofisiye n'umuwada	<u>Article 31:</u> Conditions for promotion in ranks for a non-commissioned officer and warder	<u>Article 31:</u> Conditions d'avancement en grades d'un sous-officier et d'un surveillant
<u>Ingingo ya 32:</u> Impamvu zo kutazamurwa mu mapeti	<u>Article 32:</u> Reasons for denial of promotion in ranks	<u>Article 32 :</u> Motifs de refus d'avancement en grades
<u>Ingingo ya 33:</u> Ibishingirwaho mu kuzamura umusuzofisiye mu cyiciro cy'abofisiye	<u>Article 33:</u> Conditions for a non-commissioned officer to be promoted to the category of officers	<u>Article 33:</u> Conditions pour promouvoir un sous-officier dans la catégorie des officiers
<u>Ingingo ya 34:</u> Ibishingirwaho mu kuzamura umuwada mu cyiciro cy'abofisiye	<u>Article 34:</u> Conditions for a warder to be promoted to the category of officers	<u>Article 34:</u> Conditions pour promouvoir un surveillant dans la catégorie des officiers
<u>Ingingo ya 35:</u> Kuzamurwa mu mapeti hashingiwe ku bumenyi bwihariye	<u>Article 35:</u> Promotion in ranks based on special skills	<u>Article 35:</u> Avancement en grades sur base des connaissances spéciales
<u>Ingingo ya 36:</u> Ububasha bwihariye mu kuzamura mu mapeti umukozi ushinzwe igorora	<u>Article 36:</u> Special powers to promote in ranks a correctional officer	<u>Article 36:</u> Pouvoirs spéciaux d'avancement en grades d'un agent correctionnel
<u>UMUTWE WA IV:</u> UKO UMUKOZI USHINZWE IGORORA AGENGWA N'IYI SITATI	<u>CHAPTER IV:</u> STATUTORY POSITIONS OF A CORRECTIONAL OFFICER	<u>CHAPITRE IV:</u> POSITIONS STATUTAIRES D'UN AGENT CORRECTIONNEL
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Aho umukozi ushinzwe igorora aherereye	<u>Section One:</u> Status of correctional officer	<u>Section première:</u> Situation d'un agent correctionnel
<u>Ingingo ya 37:</u> Aho umukozi ushinzwe igorora aherereye mu murimo	<u>Article 37:</u> Status of correctional officer in service	<u>Article 37:</u> Situation d'un agent correctionnel au service

<u>Icyiciro cya 2:</u> Umukozi ushinzwe igorora uri mu kazi <u>Ingingo ya 38:</u> Umukozi ushinzwe igorora uri mu kazi cyangwa ufatwa nk'uri mu kazi <u>Ingingo ya 39 :</u> Uburenganzira bwo kujya aho ushaka mu gihe cy'ikiruhuko <u>Ingingo ya 40:</u> Umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga ikiruhuko cy'umwaka cyangwa uruhushya <u>Ingingo ya 41:</u> Amahugurwa y'umwuga akorerwa mu mahanga <u>Ingingo ya 42:</u> Amahugurwa y'umwuga <u>Icyiciro cya 3:</u> Kwimurwa, gushyirwa ahandi no gutizwa <u>Ingingo ya 43:</u> Kwimurwa <u>Ingingo ya 44:</u> Gushyirwa mu rundi rwego rwa Leta <u>Ingingo ya 45:</u> Itizwa ry'umukozi ushinzwe igorora <u>Icyiciro cya 4:</u> Guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo	<u>Section 2:</u> Correctional officer in service <u>Article 38:</u> Correctional officer in service or considered to be in service <u>Article 39:</u> Right to go where you want during leave <u>Article 40:</u> Competent authority to grant annual leave or authorised absence <u>Article 41:</u> Professional training outside the country <u>Article 42:</u> Professional training <u>Section 3:</u> Transfer, placement and secondment <u>Article 43:</u> Transfer <u>Article 44:</u> Placement to another State organ <u>Article 45:</u> Secondment of a correctional officer <u>Section 4:</u> Suspension from duties	<u>Section 2:</u> Agent correctionnel au service <u>Article 38:</u> Agent correctionnel au service ou considéré comme étant au service <u>Article 39:</u> Droit d'aller où l'on veut pendant le congé <u>Article 40:</u> Autorité compétente pour l'octroi du congé annuel ou de la permission d'absence <u>Article 41:</u> Formation professionnelle à l'étranger <u>Article 42:</u> Formation professionnelle <u>Section 3:</u> Mutation, placement et détachement <u>Article 43:</u> Mutation <u>Article 44:</u> Placement dans un autre organe de l'État <u>Article 45:</u> Détachement d'un agent correctionnel <u>Section 4:</u> Suspension des fonctions
--	---	---

<u>Ingingo ya 46:</u> Igihe n'icyemezo byo guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo	<u>Article 46:</u> Period and decision of suspension from duties	<u>Article 46:</u> Période et décision de la suspension des fonctions
<u>Ingingo ya 47:</u> Impamvu zo guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo	<u>Article 47:</u> Reasons for suspension from duties	<u>Article 47:</u> Motifs de suspension des fonctions
<u>Ingingo ya 48:</u> Ingaruka zo guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo	<u>Article 48:</u> Effects of suspension from duties	<u>Article 48:</u> Effets de la suspension des fonctions
<u>Ingingo ya 49:</u> Irangira ryo guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo	<u>Article 49:</u> End of suspension from duties	<u>Article 49:</u> Fin de la suspension des fonctions
<u>Ingingo ya 50:</u> Ivanwaho ry'ingaruka zo guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo	<u>Article 50:</u> Cancellation of effects of suspension from duties	<u>Article 50:</u> Annulation des effets de la suspension des fonctions
<u>UMUTWE WA V:</u> UBURENGANZIRA, INSHINGANO N'IBIBUJIJWE	<u>CHAPTER V:</u> RIGHTS, OBLIGATIONS AND PROHIBITIONS	<u>CHAPITRE V:</u> DROITS, OBLIGATIONS ET INTERDICTIONS
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Uburenganzira bw'umukozi ushinzwe igorora	<u>Section One:</u> Rights of a correctional officer	<u>Section première:</u> Droits d'un agent correctionnel
<u>Ingingo ya 51:</u> Idosiye y'akazi y'umukozi ushinzwe igorora	<u>Article 51:</u> Correctional officer's administrative file	<u>Article 51:</u> Dossier administratif d'un agent correctionnel
<u>Ingingo ya 52:</u> Uburenganzira kuri dosiye	<u>Article 52:</u> Right to personal file	<u>Article 52:</u> Droit au dossier personnel
<u>Ingingo ya 53:</u> Umutekano w'umukozi ushinzwe igorora	<u>Article 53:</u> Security of a correctional officer	<u>Article 53:</u> Sécurité d'un agent correctionnel
<u>Ingingo ya 54:</u> Uburenganzira ku bikoresho by'akazi	<u>Article 54:</u> Right to service equipment	<u>Article 54:</u> Droit aux équipements de service

<u>Ingingo ya 55:</u> Kuvuzwa	<u>Article 55:</u> Access to medical care	<u>Article 55:</u> Accès aux soins médicaux
<u>Ingingo ya 56:</u> Gufasha kwimura umukozi ushinzwe igorora	<u>Article 56:</u> Facilitation for relocation of a correctional officer	<u>Article 56:</u> Facilitation au déménagement d'un agent correctionnel
<u>Ingingo ya 57:</u> Izamurwa ry'imibereho myiza	<u>Article 57:</u> Improving welfare	<u>Article 57:</u> Amélioration du bien-être
<u>Icyiciro cya 2:</u> Inshingano z'umukozi ushinzwe igorora n'ibyo abujijwe	<u>Section 2:</u> Obligations and prohibitions for a correctional officer	<u>Section 2:</u> Obligations et interdictions d'un agent correctionnel
<u>Ingingo ya 58:</u> Inshingano z'umukozi ushinzwe igorora muri rusange	<u>Article 58:</u> Obligations of a correctional officer in general	<u>Article 58:</u> Obligations d'un agent correctionnel en général
<u>Ingingo ya 59:</u> Inshingano z'umukozi ushinzwe igorora uyobora abandi	<u>Article 59:</u> Obligations of a correctional officer in a leadership position	<u>Article 59:</u> Obligations d'un agent correctionnel en position d'autorité
<u>Ingingo ya 60:</u> Ibubujijwe umukozi ushinzwe igorora	<u>Article 60:</u> Prohibitions for a correctional officer	<u>Article 60:</u> Interdictions d'un agent correctionnel
<u>UMUTWE WA VI:</u> IRANGIRA RY'UMURIMO N'ISHIMWE RIHABWA UMUKOZI USHINZWE IGORORA UGIYE MU KIRUHUKO CY'IZABUKURU	<u>CHAPTER VI:</u> TERMINATION OF SERVICE AND RECOGNITION OF A RETIRED CORRECTIONAL OFFICER	<u>CHAPITRE VI:</u> CESSATION DE FONCTION ET RECONNAISSANCE D'UN AGENT CORRECTIONNEL RETRAITÉ
<u>Ingingo ya 61:</u> Impamvu zo kuva mu bakozi bashinzwe igorora	<u>Article 61:</u> Reasons for termination of employment of a correctional officer	<u>Article 61:</u> Motifs de cessation de fonctions d'un agent correctionnel
<u>Ingingo ya 62:</u> Imyaka yo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru	<u>Article 62:</u> Retirement age	<u>Article 62:</u> Âge de départ à la retraite

<u>Ingingo ya 63:</u> Kuja mu kiruhuko cy'izabukuru cy'imburagihe	<u>Article 63:</u> Early retirement	<u>Article 63:</u> Retraite anticipée
<u>Ingingo ya 64:</u> Amafaranga y'impamba y'ikiruhuko cy'izabukuru	<u>Article 64:</u> Retirement benefits	<u>Article 64:</u> Indemnité de mise à la retraite
<u>Ingingo ya 65:</u> Uburenganzira mu kiruhuko cy'izabukuru	<u>Article 65:</u> Rights in retirement	<u>Article 65:</u> Droits dans la retraite
<u>Ingingo ya 66:</u> Kuvuzwa k'umukozi ushinze igorora uri mu kiruhuko cy'izabukuru	<u>Article 66:</u> Medical care for a retired correctional officer	<u>Article 66:</u> Soins médicaux d'un agent correctionnel mis à la retraite
<u>Ingingo ya 67:</u> Imperekeza y'urangije amasezerano	<u>Article 67:</u> End of contract package	<u>Article 67:</u> Indemnités de fin de contrat
<u>Ingingo ya 68:</u> Gusezera ku kazi	<u>Article 68:</u> Resignation	<u>Article 68:</u> Démission
<u>Ingingo ya 69:</u> Ukudasubirwaho ko gusezera ku kazi	<u>Article 69:</u> Irrevocability of resignation	<u>Article 69:</u> Irrévocabilité de la démission
<u>Ingingo ya 70:</u> Ihagarika ry'akazi by'igihe gito	<u>Article 70:</u> Suspension of duties for a short period	<u>Article 70:</u> Suspension de travail pour une courte durée
<u>Ingingo ya 71:</u> Gusezererwa	<u>Article 71:</u> Removal from office	<u>Article 71:</u> Démission des fonctions
<u>Ingingo ya 72:</u> Gusezererwa ku mirimo kubera impamvu z'uburwayi	<u>Article 72:</u> Discharge from duties due to sickness reasons	<u>Article 72:</u> Décharge de fonctions pour cause des maladies
<u>Ingingo ya 73:</u> Gusubiza mu buzima busanzwe umukozi ushinze igorora	<u>Article 73:</u> Lay off of a correctional officer	<u>Article 73:</u> Désengagement d'un agent correctionnel

<u>Ingingo ya 74:</u> Kwirukanwa ku kazi UMUTWE WA VII: KOMITE ISHINZWE IMYITWARIRE, AMAKOSA YO MU RWEGO RW'AKAZI, UBURYO BWO KUYAKURIKIRANA N'IBIHANO BYAYO <u>Icyiciro cya mbere:</u> Komite zishinzwe imyitwarire <u>Ingingo ya 75:</u> Ishyirwaho rya komite zishinzwe imyitwarire <u>Akicro ka mbere:</u> Komite Nkuru ya RCS ishinze imyitwarire ku rwego rw'ubujurire <u>Ingingo ya 76:</u> Abagize Komite Nkuru ya RCS ishinze imyitwarire ku rwego rw'ubujurire <u>Ingingo ya 77:</u> Ububasha bwa Komite Nkuru ya RCS ishinze imyitwarire ku rwego rw'ubujurire <u>Akicro ka 2:</u> Komite Nkuru ya RCS ishinze imyitwarire <u>Ingingo ya 78:</u> Abagize Komite Nkuru ya RCS ishinze imyitwarire	<u>Article 74:</u> Dismissal CHAPTER VII: DISCIPLINARY COMMITTEE, FAULTS, PROCEEDINGS AND RELATED SANCTIONS <u>Section One:</u> Disciplinary committees <u>Article 75:</u> Establishment of disciplinary committees <u>Subsection One:</u> RCS High Disciplinary Committee at appeal level <u>Article 76:</u> Composition of the RCS High Disciplinary Committee at appeal level <u>Article 77:</u> Competence of RCS High Disciplinary Committee at appeal level <u>Subsection 2:</u> RCS High Disciplinary Committee <u>Article 78:</u> Composition of RCS High Disciplinary Committee	<u>Article 74:</u> Révocation CHAPITRE VII: COMITÉ DE DISCIPLINE, FAUTES DISCIPLINAIRES, PROCÉDURE ET LEURS SANCTIONS <u>Section première:</u> Comités de discipline <u>Article 75:</u> Création de comités de discipline <u>Sous-section première:</u> Haut Comité de discipline du RCS au niveau d'appel <u>Article 76:</u> Composition du Haut Comité de discipline du RCS au niveau d'appel <u>Article 77:</u> Compétence du Haut Comité de discipline du RCS au niveau d'appel <u>Sous-section 2:</u> Haut Comité de discipline du RCS <u>Article 78:</u> Composition du Haut Comité de discipline du RCS
---	--	--

<u>Ingingo ya 79:</u> Ububasha bwa Komite Nkuru ya RCS ishinzwe imyitwarire	<u>Article 79:</u> Competence of RCS High Disciplinary Committee	<u>Article 79:</u> Compétence du Haut Comité de discipline du RCS
<u>Ingingo ya 80:</u> Gutegura idosiye muri Komite Nkuru ya RCS ishinzwe imyitwarire	<u>Article 80:</u> Preparation of a file within RCS High Disciplinary Committee	<u>Article 80:</u> Préparation du dossier au sein du Haut Comité de discipline du RCS
<u>Akicro ka 3:</u> Komite ya RCS ishinzwe imyitwarire y’abofisiye bato	<u>Subsection 3:</u> RCS Disciplinary Committee for junior officers	<u>Sous-section 3:</u> Comité de discipline du RCS pour les officiers subalternes
<u>Ingingo ya 81:</u> Abagize Komite ya RCS ishinzwe imyitwarire y’abofisiye bato	<u>Article 81:</u> Composition of the RCS Disciplinary Committee for junior officers	<u>Article 81:</u> Composition du Comité de discipline du RCS pour les officiers subalternes
<u>Ingingo ya 82:</u> Ububasha bwa Komite ya RCS ishinzwe imyitwarire y’abofisiye bato	<u>Article 82:</u> Competence of RCS Disciplinary Committee for junior officers	<u>Article 82:</u> Compétence du Comité de discipline du RCS pour les officiers subalternes
<u>Ingingo ya 83:</u> Gutegura idosiye muri Komite ya RCS ishinzwe imyitwarire y’abofisiye bato	<u>Article 83:</u> Case preparation within RCS Disciplinary Committee for junior officers	<u>Article 83:</u> Préparation du dossier au sein du Comité de discipline du RCS pour les officiers subalternes
<u>Akicro ka 4:</u> Komite ya RCS ishinzwe imyitwarire y’abasuzofisiye n’abawada	<u>Subsection 4:</u> RCS Disciplinary Committee for non-commissioned officers and warders	<u>Sous-section 4:</u> Comité de discipline du RCS pour les sous-officiers et les surveillants
<u>Ingingo ya 84:</u> Abagize Komite ya RCS ishinzwe imyitwarire y’abasuzofisiye n’abawada	<u>Article 84:</u> Composition of RCS Disciplinary Committee for non-commissioned officers and warders	<u>Article 84:</u> Composition du Comité de discipline du RCS pour les sous-officiers et les surveillants
<u>Ingingo ya 85:</u> Ububasha bwa Komite ya RCS ishinzwe imyitwarire y’abasuzofisiye n’abawada	<u>Article 85:</u> Competence of RCS Disciplinary Committee for non-commissioned officers and warders	<u>Article 85:</u> Compétence du Comité de discipline du RCS pour les sous-officiers et les surveillants

<u>Ingingo ya 86:</u> Gutegura idosiye muri Komite ya RCS ishinze imyitwarire y'abasuzofisiye n'abawada	<u>Article 86:</u> Case preparation within RCS Disciplinary Committee for non-commissioned officers and warders	<u>Article 86:</u> Préparation du dossier au sein du Comité de discipline du RCS pour les sous-officiers et les surveillants
<u>Akiciro ka 5:</u> Ingingo zihuriweho na komite zishinze imyitwarire	<u>Subsection 5:</u> Common provisions to disciplinary committees	<u>Sous-section 5:</u> Dispositions communes aux comités de discipline
<u>Ingingo ya 87:</u> Ubwigenge bw'abagize komite zishinze imyitwarire n'inshingano yo kugira ibanga	<u>Article 87:</u> Independence of members of disciplinary committees and obligation of confidentiality	<u>Article 87:</u> Indépendance des membres des comités de discipline et obligation de confidentialité
<u>Ingingo ya 88:</u> Imikorere ya komite za RCS zishinze imyitwarire	<u>Article 88:</u> Functioning of RCS disciplinary committees	<u>Article 88:</u> Fonctionnement des comités de discipline du RCS
<u>Icyiciro cya 2:</u> Amakosa yo mu rwego rw'akazi, ibihano byayo n'uburyo akurikiranwa	<u>Section 2:</u> Disciplinary faults, their sanctions and proceedings	<u>Section 2:</u> Fautes disciplinaires, leurs sanctions et procédure
<u>Akiciro ka mbere:</u> Amakosa yo mu rwego rw'akazi n'ibihano byayo	<u>Sub-section One:</u> Disciplinary faults and their sanctions	<u>Sous-section première:</u> Fautes disciplinaires et leurs sanctions
<u>Ingingo ya 89:</u> Ikosa ryo mu rwego rw'akazi	<u>Article 89:</u> Disciplinary fault	<u>Article 89:</u> Faute disciplinaire
<u>Ingingo ya 90:</u> Ingaruka z'ikosa ryo mu rwego rw'akazi	<u>Article 90:</u> Effect of a disciplinary fault	<u>Article 90:</u> Effet d'une faute disciplinaire
<u>Ingingo ya 91:</u> Ibihano byo mu rwego rw'akazi	<u>Article 91:</u> Disciplinary sanctions	<u>Article 91:</u> Sanctions disciplinaires
<u>Ingingo ya 92:</u> Amakosa ahanishwa kwihanangirizwa mu nyandiko	<u>Article 92:</u> Faults sanctioned by warning in writing	<u>Article 92:</u> Fautes sanctionnées par l'avertissement écrit

<u>Ingingo ya 93:</u> Amakosa ahanishwa kugawa mu nyandiko	<u>Article 93:</u> Faults sanctioned by reprimand in writing	<u>Article 93:</u> Fautes sanctionnées par le blâme écrit
<u>Ingingo ya 94:</u> Amakosa ahanishwa kugororerwa mu kigo cya RCS gishinzwe imyitwarire	<u>Article 94:</u> Faults sanctioned by rehabilitation under RCS disciplinary centre	<u>Article 94:</u> Fautes disciplinaires sanctionnées par la réhabilitation au sein du centre disciplinaire du RCS
<u>Ingingo ya 95:</u> Amakosa ahanishwa guhagarikwa by'agateganyo	<u>Article 95:</u> Fault sanctioned by suspension	<u>Article 95:</u> Fautes sanctionnées par la suspension
<u>Ingingo ya 96:</u> Amakosa ahanishwa kwirukanwa	<u>Article 96:</u> Faults sanctioned by dismissal	<u>Article 96:</u> Fautes sanctionnées par révocation
<u>Akiciro ka 2:</u> Uburyo bwo gukurikirana amakosa yo mu rwego rw'akazi	<u>Subsection 2:</u> Disciplinary proceedings	<u>Sous-section 2:</u> Procédure disciplinaire
<u>Ingingo ya 97:</u> Gukorwa mu nyandiko kw'ikurikiranamakosa	<u>Article 97:</u> Written nature of disciplinary proceedings	<u>Article 97:</u> Caractère écrit de la procédure disciplinaire
<u>Ingingo ya 98:</u> Uburenganzira bwo kwisobanura	<u>Article 98:</u> Right to defense	<u>Article 98:</u> Droit à la défense
<u>Ingingo ya 99:</u> Impamvu zongera uburemere bw'ikosa	<u>Article 99:</u> Aggravating circumstances	<u>Article 99:</u> Circonstances aggravantes
<u>Ingingo ya 100:</u> Igihe ntarengwa cyo gusuzuma idosiye n'imenyesha ry'icyemezo	<u>Article 100:</u> Time limit for examining the case file and notification of a decision	<u>Article 100:</u> Délai d'examen du dossier et notification de la décision
<u>Ingingo ya 101:</u> Kujuririra icyemezo cyafashwe na Komite ya RCS ishinze imyitwarire	<u>Article 101:</u> Appeals against a decision of RCS disciplinary committee	<u>Article 101:</u> Recours contre la décision du Comité de discipline du RCS

<u>Ingingo ya 102:</u> Umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga igihano cyo mu rwego rw'akazi	<u>Article 102:</u> Competent authority for imposition of a disciplinary sanction	<u>Article 102:</u> Autorité compétente pour l'imposition d'une sanction disciplinaire
<u>Ingingo ya 103:</u> Ingaruka z'igihano cy'igifungo	<u>Article 103:</u> Effects of imprisonment	<u>Article 103:</u> Effets de l'emprisonnement
<u>Ingingo ya 104:</u> Gusubizwa mu kazi nyuma yo kurangiza igihano cyo kugororwa	<u>Article 104:</u> Re-integration into service after serving a rehabilitation sanction	<u>Article 104 :</u> Réintégration dans le service après avoir purgé la sanction de réhabilitation
<u>UMUTWE WA VIII:</u> INGINGO ZINYURANYE	<u>CHAPTER VIII:</u> MISCELLANEOUS PROVISIONS	<u>CHAPITRE VIII:</u> DISPOSITIONS DIVERSES
<u>Ingingo ya 105:</u> Kwambara impuzankano ya RCS	<u>Article 105:</u> Wearing RCS uniform	<u>Article 105:</u> Porter l'uniforme du RCS
<u>Ingingo ya 106:</u> Indamukanyo	<u>Article 106:</u> Salute	<u>Article 106:</u> Salutation
<u>Ingingo ya 107:</u> Ibimenyetso by'ishimwe	<u>Article 107:</u> Honorary distinctions	<u>Article 107:</u> Distinctions honorifiques
<u>Ingingo ya 108:</u> Ingengabihe y'akazi	<u>Article 108:</u> Working schedule	<u>Article 108:</u> Horaire de travail
<u>Ingingo ya 109:</u> Ibdateganyijwe n'iri teka	<u>Article 109:</u> Matters not provided for by this Order	<u>Article 109:</u> Matières non prévues par le présent arrêté
<u>UMUTWE WA IX:</u> INGINGO ZISOZA	<u>CHAPTER IX:</u> FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE IX:</u> DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 110:</u> Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	<u>Article 110:</u> Authorities responsible for implementation of this Order	<u>Article 110:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

<u>Ingingo ya 111:</u> Ingingo y’ururimi <u>Ingingo ya 112:</u> Gutangira gukurikizwa <u>IMIGEREKA</u> <u>Umugereka wa 1:</u> Imiterere y’amapeti y’abakozi bashinzwe igorora n’ibiyaranga <u>Umugereka wa 2:</u> Imiterere y’ibimenyetso by’ishimwe n’ibigenderwaho mu itangwa ryabyo	<u>Article 111:</u> Language provision <u>Article 112:</u> Entry into force <u>ANNEXES</u> <u>Annex 1:</u> Design of correctional officers ranks and insignia <u>Annex 2:</u> Designs of honorary distinctions and criteria for awarding	<u>Article 111:</u> Disposition linguistique <u>Article 112:</u> Entrée en vigueur <u>ANNEXES</u> <u>Annexe 1:</u> Forme des grades des agents correctionnels et insignes <u>Annexe 2:</u> Formes des distinctions honorifiques et les critères de leur attribution
--	--	---

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 009/03 RYO KU WA 09/05/2025 RISHYIRAHU SITATI YIHARIYE IGenga ABAKOZI BASHINZWE IGORORA Minisitiri w'Intebe; Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda; Ashingiye ku Itegeko n° 017/2020 ryo ku wa 07/10/2020 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta nk'uko ryahinduwe, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3; Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo; Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 17/01/2025 imaze kubisuzuma no kubyemeza; ATEGETSE: <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije Iri teka rishyiraho sitati yihariye igenga	PRIME MINISTER'S ORDER N° 009/03 OF 09/05/2025 ESTABLISHING THE SPECIAL STATUTE GOVERNING CORRECTIONAL OFFICERS The Prime Minister; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda; Pursuant to Law n° 017/2020 of 07/10/2020 establishing the general statute governing public servants as amended, especially in Article 3; On proposal by the Minister of Public Service and Labour; After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 17/01/2025; ORDERS: <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of this Order This Order establishes the special statute	ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 009/03 DU 09/05/2025 PORTANT STATUT PARTICULIER RÉGISSANT LES AGENTS CORRECTIONNELS Le Premier Ministre; Vu la Constitution de la République du Rwanda; Vu la Loi n° 017/2020 du 07/10/2020 portant statut général régissant les agents de l'État telle que modifiée, spécialement en son article 3; Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail; Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 17/01/2025; ARRÊTE: <u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES <u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté Le présent arrêté établit le statut particulier
--	---	---

abakozi bashinzwe igorora. Rigena kandi isano ishingiyeye ku murimo hagati y'umukozi ushinzwe igorora n'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora, "RCS", nk'umukoresha. <u>Ingingo ya 2: Isobanura</u> Muri iri teka – (a) « ipeti » bivuga intera ihabwa umukozi ushinzwe igorora igaragaza ubusumbane mu kazi ikamuha ububasha bwo gushyirwa mu mwanya ujyanye na yo; (b) « umukozi ushinzwe igorora » bivuga umukozi w'umwuga ushinzwe kugorora no gucunga umutekano w'abantu bafunzwe. <u>Ingingo ya 3: Ibyiciro by'abakozi bashinzwe igorora</u> Ibyiciro by'abakozi bashinzwe igorora, kuva ku cyo hejuru ujya ku cyo hasi, ni ibi bikurikira: (a) abakomiseri; (b) abofisiye bakuru;	governing correctional officers. It also determines working relations between a correctional officer and Rwanda Correctional Service, "RCS" as employer. <u>Article 2: Interpretation</u> In this Order – (a) « rank » means a hierarchical title of a correctional officer enabling its holder to occupy a corresponding function; (b) « correctional officer » means a professional officer in charge of correction and guarding incarcerated persons. <u>Article 3: Categories of correctional officers</u> Categories of correctional officers, in descending order, are the following: (a) commissioners; (b) senior officers;	régissant les agents correctionnels. Il détermine également les relations professionnelles entre un agent correctionnel et le Service Correctionnel du Rwanda, « RCS » en tant qu'employeur. <u>Article 2: Interprétation</u> Dans le présent arrêté – (a) « grade » signifie un titre hiérarchique d'un agent correctionnel permettant à son titulaire d'occuper une fonction correspondante; (b) « agent correctionnel » signifie un agent professionnel chargé de la correction et de la garde des personnes incarcérées. <u>Article 3: Catégories des agents correctionnels</u> Les catégories des agents correctionnels, par ordre décroissant, sont les suivantes: (a) les commissaires; (b) les officiers supérieurs;
--	--	---

(c) abofisiye bato; (d) abasuzofisiye; (e) abawada. <u>Ingingo ya 4: Abandi bakozi ba RCS batari abakozi bashinzwe igorora</u> RCS igira abakozi bunganira batari abakozi bashinzwe igorora, bashyirwa mu myanya hashingiwe ku bumenyi bwihariye bafite, kandi bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta cyangwa amasezerano y'umurimo. <u>UMUTWE WA II: KWINJIRA MU MURIMO N'AMAHUGURWA Y'IBANZE</u> <u>Icyiciro cya mbere: Gushaka abakozi</u> <u>Ingingo ya 5: Ibishingirwaho mu gushaka abakozi</u> Gushaka abakozi bashinzwe igorora muri RCS bishingira ku mubare wa ngombwa ukenewe, hakurikijwe ingano y'abantu bafunzwe ku mukozi umwe ushinze igorora.	(c) junior officers; (d) non-commissioned officers; (e) warders. <u>Article 4: Other staff of RCS who are not correctional officers</u> RCS has supporting staff who are not correctional officers, who are recruited in accordance with their special skills, and governed by the general statute governing public servants or employment contract. <u>CHAPTER II: ENTRY IN SERVICE AND BASIC TRAINING</u> <u>Section One: Recruitment</u> <u>Article 5: Conditions for recruitment</u> Recruitment of correctional officers within RCS is done depending on the number of correctional officers required, based on the ratio of incarcerated persons per a correctional officer.	(c) les officiers subalternes; (d) les sous-officiers; (e) les surveillants. <u>Article 4: Autres membres du personnel du RCS qui ne sont pas des agents correctionnels</u> Le RCS a le personnel d'appui qui ne sont pas des agents correctionnels, qui sont recrutés sur la base de leurs connaissances spéciales et régis par le statut général régissant les agents de l'État ou le contrat de travail. <u>CHAPITRE II: ENTRÉE EN SERVICE ET FORMATION DE BASE</u> <u>Section première: Recrutement</u> <u>Article 5: Conditions de recrutement</u> Le recrutement des agents correctionnels au sein du RCS dépend de l'effectif requis des agents correctionnels en fonction du ratio des personnes incarcérées par rapport à un agent correctionnel.
---	---	---

<u>Ingingo ya 6: Ibisabwa kugira ngo umuntu agirwe umukozi ushinzwe igorora</u>	<u>Article 6: Requirements for a person to be recruited as a correctional officer</u>	<u>Article 6: Conditions requises pour qu'une personne soit recrutée en tant qu'agent correctionnel</u>
(1) Kugira ngo umuntu agirwe umukozi ushinzwe igorora agomba – (a) kuba ari Umunyarwanda; (b) kubisaba ku bushake; (c) kuba afite ubuzima buzira umuze ku mubiri no mu mutwe, bigaragazwa n'icyemezo cya muganga wemewe na Leta; (d) kuba afite nibura imyaka 18 kandi atarengeje imyaka 25 y'amavuko; (e) kuba atarigeze akatirwa igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka; (f) kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki; (g) kuba atarakurikiranyweho cyangwa ngo akatirwe burundu icyaha cya jenocide cyangwa	(1) In order to be recruited as a correctional officer, a person must – (a) be of Rwandan nationality; (b) apply voluntarily; (c) be physically and mentally fit, this being proved by a medical certificate issued by a recognized medical doctor; (d) be at least of 18 years of age and not more than 25 years old; (e) not have been sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six months in a judgement rendered in last instance; (f) not have been deprived of civil and political rights by a court decision; (g) not have been prosecuted or sentenced for the crime of genocide or crime of genocide	(1) Pour qu'une personne soit recrutée comme agent correctionnel professionnel, elle doit – (a) être de nationalité rwandaise; (b) s'enroler volontairement; (c) être physiquement et mentalement apte, ceci étant prouvé par une attestation médicale délivrée par un médecin agréé; (d) être âgé de 18 ans au moins et de 25 ans au plus; (e) ne pas avoir été condamné à une peine d'emprisonnement supérieur ou égale à six mois dans un jugement rendu en dernier ressort; (f) ne pas avoir été privé des droits civiques et politiques par une décision judiciaire; (g) ne pas été poursuivi ou condamné pour crime de génocide ou crime d'idéologie du génocide et

icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide n'ibindi byaha bifatanye isano na yo; (h) kuba afite impamyabushobozi cyangwa impamyabumenyi ijyanye n'umwanya ashyirwamo; (i) kuba yatsinze ikizamini cyo gushyirwa mu kazi; (j) kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire; (k) kandi atarigeze yirukanwa mu bakozi ba Leta. (2) Icyakora, ibisabwa byihariye bishobora gushingirwaho ku banyamwuga cyangwa impuguke. (3) Amategeko ngengamikorere ya RCS ashobora kugena ibisabwa by'inyongera kugira ngo umuntu agirwe umukozi ushinzwe igorora. <u>Ingingo ya 7: Impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi bisabwa kuri buri cyiciro</u> (1) Uwifuza kuba umukozi ushinzwe igorora agomba kuba afite nibura	ideology and other related offences; (h) have a degree or certificate corresponding to the job position for which their recruited; (i) have successfully passed the recruitment test; (j) have moral integrity and good conduct; and (k) not have been dismissed from office in the public service. (2) However, special requirements may apply for professionals or specialists. (3) The standard operating procedures of RCS may determine additional requirements to be recruited as a correctional officer. <u>Article 7: Degree or certificate required for each category</u> (1) A person wishing to be recruited as a correctional officer must at least have	d'autres infractions connexes; (h) avoir un diplôme ou un certificat correspondant au poste de travail pour lequel il est recruté; (i) avoir passé avec succès le test de recrutement; (j) avoir une intégrité morale et une bonne conduite; et (k) ne pas avoir été révoqué de ses fonctions au sein de la fonction publique. (2) Toutefois, des conditions requises particulières peuvent s'appliquer pour les professionnels ou les spécialistes. (3) Le règlement d'ordre intérieur du RCS peut déterminer des conditions requises supplémentaires pour être recruté en tant qu'agent correctionnel. <u>Article 7: Diplôme ou certificat requis pour chaque catégorie</u> (1) Une personne souhaitant être recrutée en tant qu'agent correctionnel doit au
--	--	--

impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi ikurikira: (a) impamyabumenyi ya “<i>Bachelor’s Degree</i>” ku wifuza kuba ofisiye; (b) impamyabushobozi ya <i>Advanced Certificate of Secondary Education</i> cyangwa icyemezo cy’ubumenyi gihwanye na yo ku wifuza kuba umuwada. (2) Komisariya Nshingwabikorwa ya RCS ishobora kugena izindi mpamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi zishobora gusabwa.	the following degree or certificate: (a) a Bachelor’s Degree for a person who wishes to be an officer; (b) an Advanced Certificate of Secondary Education or its equivalent for a person who wishes to be a warder. (2) The Executive Commissioners Office of RCS may determine other degrees or certificates that may be required.	moins être titulaire du diplôme ou certificat suivant: (a) un <i>Bachelor’s Degree</i> pour une personne qui veut être officier; (b) un <i>Advanced Certificate of Secondary Education</i> ou son équivalent pour une personne qui souhaite être surveillant. (2) Le Commissariat Exécutif du RCS peut déterminer d’autres diplômes ou certificats qui peuvent être exigés.
<u>Ingingo ya 8:</u> Uburyo bwo kwinjira mu murimo wo kugorora Kwinjira mu murimo wo kugorora bikorwa mu buryo bukurikira: (a) gushyirwa mu cyiciro cy’abofisiye nyuma yo gutsinda amasomo ajyanye na byo; (b) gushyirwa mu cyiciro cy’abawada nyuma yo gusoza no gutsinda inyigisho z’ibanze zo kugorora.	<u>Article 8:</u> Modalities for entry in correctional service The entry into the correctional service is done as follows: (a) entry into the category of commissioned officers upon successful completion of the relevant training; (b) entry in the category of warders after successfully completing correctional basic training.	<u>Article 8:</u> Modalités d’entrée en service correctionnel L’entrée dans le service correctionnel se fait sous les modalités suivantes: (a) l’entrée dans la catégorie des officiers à la réussite de la formation y relative; (b) l’entrée dans la catégorie des surveillants après avoir terminé avec succès la formation correctionnelle de base.

<u>Icyiciro cya 2:</u> Amahugurwa y'ibanze ahabwa umukozi ushinze igorora n'uburyo bwo kwinjira mu murimo wo kugorora <u>Ingingo ya 9:</u> Amashuri ya RCS RCS ifite amashuri atanga inyigisho z'ibanze, iz'umwuga, akanahugura abakozi bashinze igorora. <u>Ingingo ya 10:</u> Ibyiciro by'inyigisho z'ibanze zihabwa abakozi bashinze igorora Mu gihe cyo kwandika abifuza kuba abakozi bashinze igorora, umukandida ashyirwa mu cyiciro cy'abatozwa kuba ba ofisiye bato cyangwa abawada. <u>Ingingo ya 11:</u> Amategeko agenga abari mu mahugurwa y'ibanze Abari mu mahugurwa y'ibanze bagengwa n'amategeko ngengamikorere y'amashuri bigamo. <u>Ingingo ya 12:</u> Ibigererwa abari mu mahugurwa y'ibanze (1) Utozwa kuba ofisiye uri mu	<u>Section 2:</u> Basic training for a correctional officer and modalities for entry in correctional service <u>Article 9:</u> RCS schools RCS has schools that provide basic training, professional courses and capacity building of correctional officers. <u>Article 10:</u> Categories of basic training for correctional officers During enrolment of candidates wishing to be a correctional officer, a candidate is classified under the category of officer cadets or warders. <u>Article 11:</u> Rules governing candidates who undergo basic training Candidates who undergo basic training are governed by Standard Operating Procedures of their respective schools. <u>Article 12:</u> Entitlements of candidates who undergo basic training (1) An officer cadet undergoing basic	<u>Section 2:</u> Formation de base pour un agent correctionnel et modalités d'entrée au service correctionnel <u>Article 9:</u> Écoles du RCS Le RCS a des écoles qui dispensent une formation de base, des cours professionnels et un renforcement des capacités des agents correctionnels. <u>Article 10:</u> Catégories de la formation de base des agents correctionnels Pendant l'enrôlement des candidats désirant être agents correctionnels, un candidat est classé dans la catégorie des élèves-officiers ou des surveillants. <u>Article 11:</u> Règlements régissant les candidats qui suivent la formation de base Les candidats qui suivent la formation de base sont régis par le règlement d'ordre intérieur de leurs écoles respectives. <u>Article 12:</u> Avantages alloués aux candidats qui suivent une formation de base (1) Un candidat officier en formation de
--	---	---

mahugurwa y'ibanze agenerwa amafaranga ya buri kwezi angana n'umushahara wa <i>Chief sergeant</i>. (2) Utozwa kuba umuwada uri mu mahugurwa y'ibanze agenerwa amafaranga ya buri kwezi angana n'umushahara w'umuwada. (3) Abatozwa kuba abofisiye n'abatozwa kuba abawada bari mu mahugurwa y'ibanze bahabwa – (a) amafunguro; (b) impuzankano; (c) icumbi; (d) n'ubuvuzi. <u>Ingingo ya 13: Gahunda y'inyigisho z'ibanze</u> Komiseri Mukuru wa RCS agena gahunda y'inyigisho z'ibanze ku bofisiye n'abawada. <u>Ingingo ya 14: Amasezerano y'amahugurwa</u> Mbere yo gutangira inyigisho z'ibanze, umukandida agirana na Komiseri Mukuru wa	training is entitled to a monthly allowance equivalent to the salary of Chief sergeant. (2) A candidate to become warder undergoing basic training is entitled to a monthly allowance equivalent to the salary of warder. (3) Officer cadets and candidates to become warders undergoing basic training are entitled to – (a) feeding; (b) uniform; (c) accommodation; and (d) medical care. <u>Article 13: Curriculum for basic training</u> The Commissioner General of RCS determines the curriculum for basic training of officers and warders. <u>Article 14: Training contract</u> Before starting basic training, a candidate signs a training contract with the	base bénéficie d'une allocation mensuelle équivalente au salaire mensuel de <i>Chief sergeant</i>. (2) Un candidat surveillant en formation de base bénéficie d'une allocation mensuelle équivalente au salaire mensuel du surveillant. (3) Les élèves officiers et les candidats surveillants en formation de base bénéficient – (a) de la ration; (b) de l'uniforme; (c) du logement; et (d) des soins médicaux. <u>Article 13: Programme de formation de base</u> Le Commissaire Général du RCS détermine le programme de formation de base des officiers et des surveillants. <u>Article 14: Contrat de formation</u> Avant de commencer la formation de base, un candidat signe avec le Commissaire Général
--	--	---

RCS cyangwa undi abihereye ububasha, amasezerano y'amahugurwa agena ibimugenga mu gihe cy'inyigisho. <u>Ingingo ya 15: Kurahira</u> (1) Mbere yo gutangira imirimo, umukozi ushinze igorora arahira indahiro iteganyijwe mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. (2) Ofisiye urangije inyigisho z'ibanze arahirira imbere ya Perezida wa Repubulika cyangwa undi yabihereye ububasha. (3) Umuwada urangije inyigisho z'ibanze arahirira imbere ya Minisitiri ufite serivisi z'igorora mu nshingano. (4) Ofisiye cyangwa umuwada wakoreye amahugurwa y'ibanze mu rundi rwego kandi warahiye indahiro imwinjiza mu kazi hashingiwe ku mategeko agenga urwo rwego ntiyongera gusabwa kurahira. (5) Umukozi w'urwego rw'umutekano wimuriye muri RCS ntiyongera kurahira, keretse iyo ashyizwe mu mwanya w'umurimo wa Komiseri	Commissioner General of RCS or their delegate, which determines the conditions to be respected during the training period. <u>Article 15: Taking oath</u> (1) Before undertaking office, a correctional officer takes the oath provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda. (2) An officer who completes the basic training takes an oath before the President of the Republic or their delegate. (3) A warder who completes the basic training takes an oath before the Minister in charge of correctional services. (4) An officer or warder who completed basic training in another organ and who took oath in accordance with laws governing that institution is not required to take oath again. (5) An employee from a security organ transferred to RCS does not take the oath again unless the employee is appointed Commissioner General or	du RCS ou son délégué, un contrat de formation qui détermine les conditions à respecter pendant la période de formation. <u>Article 15: Prestation de serment</u> (1) Avant d'entrer en fonction, un agent correctionnel prête le serment prévu par la Constitution de la République du Rwanda. (2) Un officier qui termine sa formation de base prête le serment devant le Président de la République ou son délégué. (3) Un surveillant qui termine sa formation de base prête le serment devant le Ministre ayant les services correctionnels dans ses attributions. (4) Un officier ou un surveillant qui a terminé sa formation de base dans un autre organe et qui a prêté le serment conformément aux lois régissant cet organe n'est pas tenu de prêter à nouveau serment. (5) Un employé d'un organe de sécurité transféré au RCS ne prête pas à nouveau le serment à moins qu'il est nommé Commissaire Général ou
---	---	---

Mukuru cyangwa uwa Komiseri Mukuru wungirije wa RCS. (6) Iyo umukozi ushinzwe igorora warahiye avuye ku mwanya w'umurimo agiye ku wundi muri RCS, ntiyongera kurahira usibye abayobozi Itegeko Nshinga n'andi mategeko biteganyako barahira mbere yo gutangira imirimo yabo. <u>Ingingo ya 16: Itangwa rya numero y'akazi</u> RCS iha umukozi ushinzwe igorora numero imuranga ikurikira iyari igezweho igihe yinjiraga mu kazi, hakurikijwe igihe yinjiriye mu kazi, amanota mu gihe binjiriye rimwe n'urutonde rw'amazina ku banganya amanota. <u>Ingingo ya 17: Amategeko agenga umurimo wo kugorora</u> (1) Abakomiseri n'abofisiye bakora bagengwa n'amategeko y'umwuga wo kugorora. (2) <i>Senior Sergeant</i> na <i>Chief Sergeant</i> bashobora guhitamo kugengwa n'amategeko agenga umwuga wo kugorora cyangwa kugengwa	Deputy Commissioner General of RCS. (6) When a correctional officer who took the oath rotates from one job position to another job position within RCS, the correctional officer does not take oath again, except for Officials required by the Constitution and other laws to take an oath of office. <u>Article 16: Allocation of a service number</u> RCS assigns a correctional officer a service number following the most recently allocated number, based on entry date, obtained marks in the case of collective entry, and alphabetic order of names in the case of equality of marks. <u>Article 17: Rules governing correctional service</u> (1) Commissioners and officers serve on correctional career basis. (2) A Senior Sergeant and Chief Sergeant may opt to serve on a correctional career or service contract basis concluded with the RCS	Commissaire Général Adjoint du RCS. (6) Lorsqu'un agent correctionnel qui a prêté le serment passe d'un poste d'emploi à un autre poste d'emploi au sein du RCS, il ne prête pas le serment à nouveau, sauf pour les autorités auxquelles la Constitution et d'autres lois exigent de prêter serment avant d'entrer en fonction. <u>Article 16: Attribution d'un numéro de service</u> Le RCS attribue à un agent correctionnel un numéro de service suivant le dernier numéro attribué, en fonction de la date d'entrée, des points obtenus en cas d'entrée collective, et de l'ordre alphabétique des noms en cas d'égalité des points. <u>Article 17: Règles régissant le service correctionnel</u> (1) Les Commissaires et les officiers travaillent sur base de la carrière correctionnelle. (2) Le <i>Senior Sergeant</i> et le <i>Chief Sergeant</i> peuvent choisir de servir sur base de la carrière correctionnelle ou du contrat de service conclu avec le Commissaire
---	---	--

n'amasezerano y'umurimo bagirana na Komiseri Mukuru wa RCS. (3) Umuwada, <i>Corporal</i> na <i>Sergeant</i> bagengwa n'amasezerano y'umurimo bagirana na Komiseri Mukuru wa RCS. (4) Amasezerano y'umurimo wo kugorora amara igihe cy'imyaka irindwi ishobora kongerwa inshuro ebyiri. (5) Bitabangamiye ibiteganywa mu gika cya (4), amasezerano y'umurimo wo kugorora y'umukozi ushinze igorora ufite ubumenyi bwihariye ashobora kongerwaho ikindi gihe cy'imyaka irindwi mu nyungu z'umurimo wo kugorora.	Commissioner General. (3) A warder, Corporal and Sergeant serve on a service contract basis concluded with the RCS Commissioner General. (4) A correctional service contract is for a period of seven years, renewable twice. (5) Without prejudice to provisions of Paragraph (4), in the interest of the correctional service, the correctional service contract of a correctional officer with special skills may be extended for an additional period of seven years.	Général du RCS. (3) Le surveillant, le <i>Corporal</i> et le <i>Sergeant</i> servent sur la base du contrat de service conclu avec le Commissaire Général du RCS. (4) Le contrat de service correctionnel a une durée de sept ans, renouvelable deux fois. (5) Sans préjudice des dispositions du paragraphe (4), dans l'intérêt du service correctionnel, le contrat de service correctionnel d'un agent correctionnel ayant des compétences particulières peut être prolongé pour une période supplémentaire de sept ans.
UMUTWE WA III: AMAPETI, ISUZUMABUSHOZI N'IZAMURWA MU MAPETI <u>Icyiciro cya mbere:</u> Amapeti, ubusumbane n'uko bukurikirana <u>Akiciro ka mbere:</u> Amapeti <u>Ingingo ya 18:</u> Akamaro k'amapeti Ipeti ryerekana intera y'ubusumbane mu kazi	CHAPTER III: RANKS, PERFORMANCE APPRAISAL AND PROMOTION IN RANKS <u>Section One:</u> Ranks, hierarchy and order of precedence <u>Subsection One:</u> Ranks <u>Article 18:</u> Role of ranks A rank indicates the hierarchical title of a	CHAPITRE III: GRADES, ÉVALUATION DES PERFORMANCES ET AVANCEMENT EN GRADES <u>Section première:</u> Grades, hiérarchie et ordre de préséance <u>Sous-section première:</u> Grades <u>Article 18 :</u> Rôle des grades Le grade indique le titre hiérarchique d'un

umukozi ushinzwe igorora arimo, rikamuhesha ububasha bwo kugira ubuyobozi, gukora imirimo yo ku rwego uru n'uru no kubazwa ibyerekeye iyo mirimo.	correctional officer enabling its holder to exercise authority, to carry out certain duties or work and assume responsibilities attached to their appointment.	agent correctionnel permettant à son titulaire d'exercer l'autorité, d'occuper des fonctions ou des emplois correspondants, et d'assumer les responsabilités attachées à sa nomination.
<u>Ingingo ya 19: Ibyciro by'amapeti y'abakozi bashinzwe igorora</u>	<u>Article 19: Categories of ranks of correctional officer</u>	<u>Article 19: Catégories des grades des agents correctionnels</u>
(1) Amapeti y'abakozi bashinzwe igorora ari mu byiciro bitanu kandi akurikiranye mu buryo bukurikira, kuva ku ryo hasi ujya ku ryo hejuru: (a) umuwada; (b) abasuzofisiye: (i) <i>Corporal</i>; (ii) <i>Sergeant</i>; (iii) <i>Senior Sergeant</i>; (iv) <i>Chief Sergeant</i>. (c) abofisiye bato: (i) <i>Assistant Inspector</i>; (ii) <i>Inspector</i>; (iii) <i>Chief Inspector</i>.	(1) The ranks of correctional officers are classified into five categories and in the following ascending order: (a) warder; (b) non- commissioned officers: (i) <i>Corporal</i>; (ii) <i>Sergeant</i>; (iii) <i>Senior Sergeant</i>; (iv) <i>Chief Sergeant</i>. (c) junior officers: (i) <i>Assistant inspector</i>; (ii) <i>Inspector</i>; (iii) <i>Chief Inspector</i>.	(1) Les grades des agents correctionnels sont classés en cinq catégories et dans l'ordre croissant suivant : (a) surveillant; (b) les sous-officiers: (i) <i>Corporal</i>; (ii) <i>Sergeant</i>; (iii) <i>Senior Sergeant</i>; (iv) <i>Chief Sergeant</i>. (c) les officiers subalternes: (i) <i>Assistant Inspector</i>; (ii) <i>Inspector</i>; (iii) <i>Chief Inspector</i>.

(d) abofisiye bakuru: (i) <i>Superintendent</i>; (ii) <i>Senior Superintendent</i>; (iii) <i>Chief Superintendent</i>. (e) abakomiseri: (i) <i>Assistant Commissioner</i>; (ii) <i>Commissioner</i>; (iii) <i>Deputy Commissioner General</i>; (iv) <i>Commissioner General</i>. (2) Amapeti y'abakozi bashinzwe igorora n'ibiyaranga biri ku mugereka wa 1. <u>Ingingo ya 20: Aho amapeti yambarwa</u> (1) Amapeti yambarwa – (a) ku ntugu zombi ku bofisiye; (b) no ku gice cyo haruguru cy'ukuboko kw'iburyo ku basuzofisiye.	(d) senior officers: (i) Superintendent; (ii) Senior Superintendent; (iii) Chief Superintendent (e) commissioners: (i) Assistant Commissioner; (ii) Commissioner; (iii) Deputy Commissioner General; (iv) Commissioner General. (2) Ranks of correctional officers and their distinguishing marks are reflected in Annex 1. <u>Article 20: Place where ranks are worn</u> (1) Ranks are worn – (a) on both shoulders for officers; and (b) on the right sleeves for non-commissioned officers.	(d) les officiers supérieurs: (i) <i>Superintendent</i> ; (ii) <i>Senior Superintendent</i> ; (iii) <i>Chief Superintendent</i>. (e) les commissaires: (i) <i>Assistant Commissioner</i>; (ii) <i>Commissioner</i>; (iii) <i>Deputy Commissioner General</i>; (iv) <i>Commissioner General</i>. (2) Les grades des agents correctionnels et leurs signes distinctifs figurent en annexe 1. <u>Article 20: Endroits de port des grades</u> (1) Les grades sont portés – (a) sur les deux épaules pour les officiers; et (b) sur les manches droites pour les sous-officiers.
---	---	--

(2) Icyakora, amategako ngengamikorere ya RCS ashobora kugena ahandi abakozi bashinzwe igorora bakwambara amapeti. <u>Ingingo ya 21: Ipeti ry'agateganyo</u> (1) Umuyobozi ufite ububasha bwo kuzamura mu mapeti umukozi ushinze igorora ashobora kumuha ipeti ryisumbuye ry'agateganyo kugira ngo akore umurimo ujyanye na ryo. (2) Uwahawe ipeti ry'agateganyo ararisubiza iyo umurimo watumye arihabwa urangiye. (3) Icyakora, umuyobozi ufite ububasha bwo kuzamura mu mapeti umukozi ashobora kwemeza ipeti ry'agateganyo ku buryo bwa burundu. <u>Akiciro ka 2: Ubusumbane, gutanga amabwiriza no gukoresha ubuyobozi mu bakozi bashinzwe igorora</u> <u>Ingingo ya 22: Ukurutanwa kw'abakozi bashinzwe igorora</u> (1) Kurutanwa kw'abakozi bashinzwe	(2) However, standard operating procedures of RCS may determine other place where correctional officers may wear their ranks. <u>Article 21: Temporary rank</u> (1) The competent authority to promote in ranks may grant to a correctional officer a temporary higher rank to enable him or her to carry out an assignment corresponding to that higher rank. (2) The holder of a temporary rank returns it at the end of the assignment. (3) However, the competent authority to promote in ranks may approve the temporary rank definitely. <u>Subsection 2: Hierarchical order, issuance of orders and exercise of authority within correctional officers</u> <u>Article 22: Hierarchical order of correctional officers</u> (1) The hierarchical order of correctional	(2) Toutefois, le règlement d'ordre intérieur du RCS peut déterminer d'autres endroits de port des grades pour des agents correctionnels. <u>Article 21: Grade temporaire</u> (1) L'autorité compétente pour l'avancement en grades peut accorder à un agent correctionnel un grade supérieur temporaire en vue de lui permettre d'accomplir le travail correspondant à ce grade. (2) Le détenteur du grade temporaire le restitue à la fin du travail. (3) Toutefois, l'autorité compétente pour l'avancement en grades peut approuver définitivement le grade temporaire. <u>Sous-section 2: Ordre hiérarchique, émission des commandes et exercice de l'autorité au sein des agents correctionnels</u> <u>Article 22: Ordre hiérarchique des agents correctionnels</u> (1) La supériorité des agents
---	--	--

igorora bishingira ku ipeti. (2) Umukozi ushinzwe igorora ufite ipeti ryo hejuru aba aruta ufite ipeti ryo hasi. (3) Iyo abakozi bashinzwe igorora bafite ipeti rimwe, ukurutanwa gushingira kuri ibi bikurikira: (a) urwego rw'umurimo bariho; (b) itariki bahereweho ipeti; (c) numero iranga umukozi ya kera. <u>Ingingo ya 23: Gutanga amabwiriza muri RCS</u> (1) Gutanga amabwirirza muri RCS bishingira mu kurutanwa mu mapeti no mu burambe, ari byo biha buri wese umwanya we akamenya ibyo ashinzwe hakurikijwe uko amapeti cyangwa imirimo bikurikirana. (2) Uri mu rwego rwisumbuye aba afite ububasha bwo kuyobora no kugenzura ko abakozi bashinzwe igorora bari muni ye bubahiriza amategeko	officers is determined by the rank. (2) A correctional officer with a higher rank is superior to the one with a lower rank. (3) If correctional officers are of the same rank, the order of precedence is determined based on the following: (a) the appointment held; (b) the commissioning or promotion date; (c) the oldest service number. <u>Article 23: Issuance of orders within RCS</u> (1) Issuance of orders in the RCS is based on hierarchy in ranks and seniority which defines every body's position and level of responsibility depending on seniority in rank or appointment. (2) A holder of a higher rank is competent to command and control if correctional officers subordinate to him or her respect laws and general	correctionnels est déterminée par le grade. (2) L'agent correctionnel le plus haut gradé est supérieur à celui du grade inférieur. (3) Lorsque les agents correctionnels sont de même grade, l'ordre de préséance est déterminé comme suit: (a) le poste occupé; (b) la date d'attribution de grade ou de promotion à ce grade; (c) le numéro de service le plus ancien. <u>Article 23: Émission des commandes au sein du RCS</u> (1) L'émission des commandes au sein du RCS est fondée sur la hiérarchie en grades et en expérience qui définit l'attribution de chacun par ordre des grades ou des fonctions. (2) Le titulaire d'un grade supérieur est compétent à commander et à contrôler si les agents correctionnels qui lui sont subordonnés respectent les lois et les
---	---	--

n'amabwiriza y'imyitwarire n'iyoyaba atabayobora. (3) Umukozi ushinzwe igorora akurikiza amategeko n'amabwiriza no kumvira umukozi ushinzwe igorora w'ipeti riri hejuru y'irye mu gihe uyu ari ku kazi. <u>Ingingo ya 24: Ubuyobozi bushingiye ku nshingano</u> (1) Ubuyobozi buha nyirabwo uburenganzira n'ububasha bwo kuyobora abakozi akuriye. (2) Umukozi ushinzwe igorora ufite inshingano akora n'iyobyaba ari iby'agateganyo cyangwa hari uwo asigariyeho aba afite ubuyobozi bushingiye kuri izo nshingano kandi abazwa ibijyanye na zo. (3) Ububasha bushingiye ku buyobozi bushobora guhabwa undi gusa mu gihe amategeko ya RCS abyemera kandi bigakorwa mu nyandiko. <u>Icyiciro cya 2: Isuzumabushobozi</u> <u>Ingingo ya 25: Isuzumabushobozi</u> Umukozi ushinzwe igorora akorerwa	rules of discipline, irrespective of whether they are under their authority or not. (3) A correctional officer must follow laws and instructions and comply with orders of a correctional officer with a high rank if the latter is on duty. <u>Article 24: Authority by appointment</u> (1) Authority empowers the holder with rights and competence to lead their subordinates. (2) A correctional officer who holds an appointment whether temporarily or in acting is vested with authority and responsibility attached to that appointment. (3) Powers attached to an appointment can only be delegated if it is allowed by the RCS rules and regulations and it must be put in writing. <u>Section 2: Performance appraisal</u> <u>Article 25: Performance appraisal</u> A correctional officer is subjected to	règles générales de discipline, qu'ils soient ou non sous son autorité. (3) Un agent correctionnel est tenu de se conformer aux lois et aux instructions et d'obtempérer aux injonctions d'un agent correctionnel de grade supérieur lorsque ce dernier est en service. <u>Article 24: Autorité liée à la fonction</u> (1) L'autorité donne à son titulaire les droits et la compétence de diriger ses subalternes. (2) Un agent correctionnel qui exerce même temporairement ou par intérim une fonction, est investi de l'autorité et des responsabilités afférentes à cette fonction. (3) Les pouvoirs attachés à une fonction ne peut être déléguée que si les règlements du RCS l'autorisent et la délégation se fait par écrit. <u>Section 2: Évaluation des performances</u> <u>Article 25: Évaluation des performances</u> Un agent correctionnel est soumis à l'évaluation
---	---	---

isuzumabushobozi buri mwaka w'ingengo y'imari. <u>Ingingo ya 26:</u> Uburyo bwo gukora isuzumabushobozi Minisitiri ufite serivisi z'igorora mu nshingano akena uburyo isuzumabushobozi rikorwamo n'igihe ntarengwa cyo kurikorerwa. <u>Ingingo ya 27:</u> Ibicyiro by'abakozi bashinzwe igorora bakorewe isuzumabushobozi (1) Nyuma y'isuzumabushobozi, umukozi ushinze igorora ashirwa muri kimwe mu bicyiro bikurikira: (a) ingenzi; (b) nyamwete; (c) arakora; (d) ntamwete; (e) ikigwari. (2) Umukozi ushinze igorora washyizwe mu cyiciro cy'ikigwari cyangwa icya ntamwete inshuro ebyiri zikurikirana	performance appraisal each financial year. <u>Article 26:</u> Performance appraisal modalities The Minister in charge of correctional services determines modalities for carrying out performance appraisal and the deadline. <u>Article 27:</u> Performance classification of correctional officers appraised (1) Following the performance appraisal, a correctional officer is classified in one of the following categories: (a) elite; (b) very good; (c) good; (d) fair; (e) poor. (2) A correctional officer who is classified in the category of poor or fair two consecutive times is removed	des performances chaque année budgétaire. <u>Article 26:</u> Modalités d'évaluation des performances Le Ministre ayant les services correctionnels dans ses attributions détermine les modalités et le délai limite de faire l'évaluation des performances. <u>Article 27:</u> Classification de la performance des agents correctionnel évalués (1) Après l'évaluation des performances, l'agent correctionnel est classé dans l'une des catégories suivantes : (a) élite; (b) très bon; (c) bon; (d) assez bon; (e) médiocre. (2) Un agent correctionnel qui est classé dans la catégorie de médiocre ou celle d'assez bon deux fois consécutives est
---	---	--

arasezererwa.	from office.	démis de ses fonctions.
<u>Icyiciro cya 3: Izamurwa mu mapeti</u>	<u>Section 3: Promotion in ranks</u>	<u>Section 3: Avancement en grades</u>
<u>Ingingo ya 28: Umuyobozi ufite ububasha bwo kuzamura mu mapeti</u>	<u>Article 28: Competent authority to promote in ranks</u>	<u>Article 28: Autorité compétente pour l'avancement en grades</u>
Perezida wa Republika azamura mu mapeti abakomiseri, abofisiye bakuru n'abofisiye bato, naho Minisitiri ufite serivisi z'igorora mu nshingano akazamura mu mapeti ibyiciro by'abakozi bashinzwe igorora basigaye.	The President of the Republic promotes in ranks commissioners, senior officers and junior officers, while the Minister in charge of correctional services promotes in ranks other categories of correctional officers.	Le Président de la République promeut en grades les commissaires, les officiers supérieurs et les officiers subalternes, tandis que le Ministre ayant les services correctionnels dans ses attributions avance en grades d'autres catégories des agents correctionnels.
<u>Ingingo ya 29: Ibishingirwaho mu kuzamura mu mapeti ofisiye</u>	<u>Article 29: Conditions for promotion in ranks of an officer</u>	<u>Article 29: Conditions d'avancement en grades d'un officier</u>
(1) Ibishingirwaho mu kuzamura mu mapeti ofisiye ni ibi bikurikira:	(1) Conditions for promotion in ranks for an officer are the following:	(1) Les conditions d'avancement en grades d'un officier sont les suivantes:
(a) ubushobozi bwo gukora inshingano zisumbuye hashingiwe kuri raporo y'isuzumabushobozi;	(a) ability to exercise higher functions in accordance with the performance appraisal report;	(a) l'aptitude à exercer des fonctions supérieures selon le rapport d'évaluation des performances;
(b) imyanya y'akazi ihari;	(b) available posts;	(b) des postes disponibles;
(c) igihe giteganyijwe.	(c) set time.	(c) le temps prévu.
(2) Ofisiye uzamurwa mu ipeti agomba kuba yarabonye ishimwe rya «Arabikwiye» na nibura «Nyamwete»	(2) The officer to be promoted must have been rated "Merit" and at least "Very Good" in the three last consecutive	(2) L'officier à promouvoir doit avoir été coté « Apte » et au moins « Très Bon » lors des trois derniers signalements.

mu masuzumabushobozi atatu ya nyuma akurikirana. <u>Ingingo ya 30:</u> Igihe ngenderwaho gisabwa mu kuzamura ofisiye ku ipeti ryisumbuye Igihe ngenderwaho gisabwa ngo ofisiye azamurwe ku ipeti ryisumbuye ni iki gikurikira: (a) kuba amaze nibura imyaka itatu ku ipeti aheruka guhabwa iyo ari ofisiye muto; (b) kuba amaze nibura imyaka ine ku ipeti aheruka guhabwa iyo ari ofisiye mukuru; (c) kuba amaze nibura imyaka itanu ku ipeti aheruka guhabwa iyo ari komiseri. <u>Ingingo ya 31:</u> Ibishingirwaho mu kuzamura mu mapeti umusuzofisiye n'umuwada (1) Ibishingirwaho mu kuzamura mu mapeti umusuzofisiye ni ibi bikurikira: (a) ubushobozi umusuzofisiye yagaragaje mu mirimo ye nk'uko	ratings. <u>Article 30:</u> Standard period required to promote an officer to higher rank The standard period required to promote an officer to higher rank is as follows: (a) to have held the current rank for at least three years for a junior officer; (b) to have held the current rank at least four years for senior officer; (c) to have held the current rank at least five years for a commissioner. <u>Article 31:</u> Conditions for promotion in ranks for a non-commissioned officer and warder (1) Conditions for promotion in ranks for a non-commissioned officer are the following: (a) the performance of a non-commissioned officer in fulfilling	<u>Article 30:</u> Délai standard requis pour avancer un officier en grade supérieur Le délai standard requis pour avancer un officier en grade supérieur est comme suit: (a) avoir au moins une ancienneté de trois ans au grade actuel pour un officier subalterne; (b) avoir au moins une ancienneté de quatre ans au grade actuel pour un officier supérieur; (c) avoir au moins une ancienneté de cinq ans au grade actuel pour un commissaire. <u>Article 31:</u> Conditions d'avancement en grades d'un sous-officier et d'un surveillant (1) Les conditions d'avancement en grades d'un sous-officier sont les suivantes: (a) la performance du sous-officier dans l'accomplissement de ses
--	---	---

isuzumabushobozi yakorewe ribigaragaza; (b) kuba amaze nibura imyaka itatu ku ipeti aheruka guhabwa. (2) Ishimwe ry'umusuzofisiye uzamurwa mu ntera rigomba kuba ririmo «Arabikwiye» no kuba yarabonye nibura «Nyamwete» mu masuzumabushobozi atatu ya nyuma akurikirana. (3) Ibishingirwaho mu kuzamura mu mapeti umuwada ni ibi bikurikira: (a) kuba nibura afite imyaka ine y'uburambe ku ipeti ry'umuwada; (b) kuba yarahawe ishimwe rya «Arabikwiye» ubuheruka; (c) kuba yarabonye nibura «Nyamwete» mu masuzumabushobozi atatu ya nyuma akurikirana. (4) Icyakora, umuwada ashobora kuzamurwa mu cyiciro cy'abasuzofisiye atarageza ku burambe buteganywa mu gika cya (3)(a) iyo –	their tasks as evidenced by the performance appraisal; (b) to have held the current rank for at least three years. (2) The rating for a non-commissioned officer to be promoted must contain “Merit” and have been rated at least “Very Good” in the three last consecutive performance appraisals. (3) Conditions for promotion in ranks for a warder are the following: (a) to have at least four years of seniority on the rank of warder; (b) to have been rated “Merit” in their last rating; (c) to have obtained at least “Very Good” in the last three consecutive performance appraisals. (4) However, a warder may be promoted to the category of non-commissioned officers before attaining the seniority provided for in Paragraph (3)(a) when	fonctions telle qu'elle ressort de l'évaluation des performances; (b) avoir au moins une ancienneté de trois ans au grade actuel. (2) Le sous-officier à promouvoir doit avoir été apprécié « Apte » et avoir été coté au moins « Très Bon » lors des trois dernières évaluations des performances. (3) Les conditions d'avancement en grades d'un surveillant sont les suivantes: (a) avoir au moins quatre ans d'ancienneté au grade de surveillant; (b) avoir été coté « Apte » au dernier signalement; (c) avoir été coté au moins « Très Bon » au cours des trois dernières évaluations des performances. (4) Toutefois, un surveillant peut être promu dans la catégorie des sous-officiers avant d'avoir atteint l'ancienneté prévue au paragraphe
--	--	---

(a) abonye impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi ya <i>Advanced Diploma</i> itangwa mu cyiciro cya mbere cy'amashuri makuru cyangwa ihwanye na yo; (b) kandi afite nibura imyaka itatu y'uburambe ku ipeti ry'umuwada. <u>Ingingo ya 32: Impamvu zo kutazamurwa mu mapeti</u> (1) Umukozi ushinze igorora ntazamurwa ku ipeti ryisumbuye iyo adakora cyangwa iyo yahagaritswe by'agateganyo hagamijwe iperereza. (2) Icyakora, umukozi ushinze igorora ashobora kuzamurwa ku ipeti ryisumbuye, bikagira agaciro mbere y'igihe azamuriwe iyo – (a) agarutse mu mwanya we nyuma yo guhagarikwa by'agateganyo kubera impamvu z'ubuzima. (b) agarutse mu kazi nyuma y'ihagarikwa ry'agateganyo; (c) izamurwa ku ipeti ryisumbuye	the warder – (a) obtains the degree or certificate of an «Advanced Diploma» offered in the 1st cycle of higher learning education or its equivalent; and (b) has at least three years of seniority at the rank of warder. <u>Article 32: Reasons for denial of promotion in ranks</u> (1) A correctional officer is not promoted to a higher rank if the correctional officer is not in service or suspended for investigation. (2) However, a correctional officer may be promoted to a higher rank retrospectively if – (a) the correctional officer gets back to their post after suspension due to health reasons; (b) the correctional officer gets back to their post after suspension; (c) the promotion of the correctional	(3)(a) lorsqu'il – (a) obtient un diplôme ou un certificat d'<i>Advanced Diploma</i> décerné dans le premier cycle de l'enseignement supérieur ou son équivalent; et (b) a au moins trois ans d'ancienneté au grade de surveillant. <u>Article 32: Motifs de refus d'avancement en grades</u> (1) Un agent correctionnel n'est pas promu à un grade supérieur lorsqu'il n'est pas en service ou il est suspendu pour une enquête. (2) Toutefois, un agent correctionnel peut être promu à un grade supérieur rétroactivement lorsque – (a) il reprend son poste après avoir été suspendu pour des raisons de santé; (b) il reprend son poste après une suspension; (c) sa promotion au grade supérieur a
---	--	--

ryakererejwe n'impamvu z'ubuyobozi kandi ryari ryaremejwe. <u>Ingingo ya 33: Ibishingirwaho mu kuzamura umusuzofisiye mu cyiciro cy'abofisiye</u> Umusuzofisiye ashobora kuzamurwa mu cyiciro cy'abofisiye iyo – (a) abonye impamyabumenyi ya <i>Bachelor's Degree</i> cyangwa ihwanye na yo; (b) yakurikiranye kandi agatsinda amahugurwa yihariye y'abofisiye atangwa n'ishuri rya RCS ritegura abatozwa kuba abofisiye cyangwa irindi shuri ritanga amahugurwa ari ku rwego rumwe na yo; (c) ari mu mwanya ukwiye kuba urimo ofisiye; (d) cyangwa yagaragaje ko yitwaye neza bidasanze mu kuzuza inshingano mu myaka itatu ishize.	officer to the higher rank was delayed for administrative reasons while it had been approved. <u>Article 33: Conditions for a non-commissioned officer to be promoted to the category of officers</u> A non-commissioned officer may be promoted to the category of officers when the non-commissioned officer – (a) obtains a Bachelor's Degree or its equivalent; (b) has attended and passed specialised training for officers provided by RCS officer cadets training school or any other school providing similar training; (c) holds a post that should be held by an officer; or (d) has demonstrated exceptional performance for the last three years.	été retardée par des raisons administratives alors qu'elle avait été approuvée. <u>Article 33: Conditions pour promouvoir un sous-officier dans la catégorie des officiers</u> Un sous-officier peut être promu dans la catégorie des officiers lorsqu'il – (a) obtient un diplôme de <i>Bachelor's Degree</i> ou son équivalent; (b) a suivi et réussi la formation spéciale pour les officiers dispensée par l'école de formation des candidats officiers du RCS ou d'une autre école qui dispense une formation similaire ; (c) occupe un poste qui devrait être occupé par un officier ; ou (d) a démontré une performance exceptionnelle au cours des trois dernières années.
---	--	--

<u>Ingingo ya 34: Ibishingirwaho mu kuzamura umuwada mu cyiciro cy'abofisiye</u> Umuwada ashobora kuzamurwa mu cyiciro cy'abofisiye iyo – (a) abonye impamyabumenyi ya <i>Bachelor's Degree</i> cyangwa ihwanye na yo; (b) cyangwa yakurikiranye kandi agatsinda amahugurwa yihariye y'abofisiye atangwa n'ishuri ritegura abatozwa kuba abofisiye.	<u>Article 34: Conditions for a warder to be promoted to the category of officers</u> A warder may be promoted to the category of officers if the warder – (a) obtains a Bachelor's Degree or its equivalent; or (b) has attended and passed specialised courses for officers provided by officer cadets training school.	<u>Article 34: Conditions pour promouvoir un surveillant dans la catégorie des officiers</u> Un surveillant peut être promu dans la catégorie des officiers lorsqu'il – (a) obtient un diplôme de <i>Bachelor's Degree</i> ou son équivalent; ou (b) a suivi et réussi des formations spéciales dispensées par l'école de formation des candidats officiers.
<u>Ingingo ya 35: Kuzamurwa mu mapeti hashingiwe ku bumenyi bwihariye</u> (1) Hashingiwe ku bumenyi bwihariye kandi bujyanye n'inshingano za RCS, Inama Nkuru ya RCS, ibinyujije kuri Minisitiri ufite serivisi z'igorora mu nshingano, ishobora kugeza icyifuzo ku muyobozi ubifitiye ububasha cyo gusabira ipeti ryisumbuye umukozi ushinzwe igorora n'ubwo yaba atarageza ku burambe buteganywa muri iri teka. (2) Komiseri Mukuru wa RCS, binyujijwe	<u>Article 35: Promotion in ranks based on special skills</u> (1) Basing on the special skills corresponding to the RCS responsibilities, the High Council of RCS, through the Minister in charge of Correctional services, may propose to the competent authority the promotion of a correctional officer to the higher rank even if the correctional officer has not yet attained the required seniority provided for in this Order. (2) The Commissioner General of RCS,	<u>Article 35: Avancement en grades sur base des connaissances spéciales</u> (1) Sur base des connaissances spéciales en rapport avec les attributions du RCS, le Haut Conseil du RCS, par l'intermédiaire du Ministre ayant les services correctionnels dans ses attributions, peut proposer à l'autorité compétente la promotion d'un agent correctionnel au grade supérieur même lorsqu'il n'a pas encore atteint l'ancienneté requise prévue dans le présent arrêté. (2) Le Commissaire Général du RCS, par

ku Nama Nkuru ya RCS, ashobora kugena ubundi bumenyi bwihariye bukenewe muri RCS. (3) Umukozi ushinzwe igorora ufite ubumenyi bwihariye ushoje amasomo y'ibanze amushyira mu rwego rw'abofisiye bato azamurwa ku ipeti rya <i>Chief Inspector</i>, iyo amaze amezi atandatu ari mu kazi. <u>Ingingo ya 36: Ububasha bwihariye mu kuzamura mu mapeti umukozi ushinzwe igorora</u> Hatitawe ku biteganywa mu ngingo ya 29 n'ya 33, Umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora kuzamura mu mapeti umukozi ushinzwe igorora ku buryo bwihariye. <u>UMUTWE WA IV: UKO UMUKOZI USHINZWE IGORORA AGENGWA N'IYI SITATI</u> <u>Icyiciro cya mbere: Aho umukozi ushinzwe igorora aherereye</u> <u>Ingingo ya 37: Aho umukozi ushinzwe igorora aherereye mu murimo</u> Umukozi ushinzwe igorora mu murimo	through the High Council of RCS, may determine other special skills required for RCS. (3) A correctional officer with special skills who successful completed the officer cadet course is promoted to the rank of Chief Inspector, at the end of six months of service. <u>Article 36: Special powers to promote in ranks a correctional officer</u> Regardless of the provisions of Articles 29 and 33, a competent authority may promote in ranks a correctional officer in an exceptional manner. <u>CHAPTER IV: STATUTORY POSITIONS OF A CORRECTIONAL OFFICER</u> <u>Section One: Status of correctional officer</u> <u>Article 37: Status of correctional officer in service</u> A correctional officer in service may be –	l'intermédiaire du Haut Conseil du RCS, peut déterminer d'autres connaissances spéciales requises pour le RCS. (3) Un agent correctionnel ayant des connaissances spéciales et qui a réussi les cours de formation des candidats officiers est promu au grade de <i>Chief Inspector</i>, à la fin de six mois de service. <u>Article 36: Pouvoirs spéciaux d'avancement en grades d'un agent correctionnel</u> Sans considération des dispositions des articles 29 et 33, l'autorité compétente peut promouvoir en grades un agent correctionnel d'une façon exceptionnelle. <u>CHAPITRE IV: POSITIONS STATUTAIRES D'UN AGENT CORRECTIONNEL</u> <u>Section première: Situation d'un agent correctionnel</u> <u>Article 37: Situation d'un agent correctionnel au service</u> Un agent correctionnel au service peut être –
---	--	--

ashobora kuba – (a) ari mu kazi; (b) yimuwe; (c) ashyizwe ahandi; (d) cyangwa atijwe; (e) cyangwa ahagaritswe ku kazi by'agateganyo. <u>Icyiciro cya 2: Umukozi ushinzwe igorora uri mu kazi</u> <u>Ingingo ya 38: Umukozi ushinzwe igorora uri mu kazi cyangwa ufatwa nk'uri mu kazi</u> (1) Umukozi ushinzwe igorora aba ari mu kazi iyo akora akazi ke k'umwuga. (2) Umukozi ushinzwe igorora afatwa kandi nk'uri mu kazi iyo – (a) ari mu kiruhuko; (b) afite uruhushya rwo gusiba; (c) ari mu mahugurwa;	(a) in service; (b) on transfer; (c) on placement; or (d) on secondment; (e) on suspension of duties. <u>Section 2: Correctional officer in service</u> <u>Article 38: Correctional officer in service or considered to be in service</u> (1) A correctional officer is in service if the correctional officer is performing their professional work. (2) A correctional officer is also considered to be in service if the correctional officer is – (a) on leave; (b) authorised to be absent; (c) in training;	(a) au service; (b) en mutation; (c) en placement; ou (d) en détachement; (e) en suspension des fonctions. <u>Section 2: Agent correctionnel au service</u> <u>Article 38: Agent correctionnel au service ou considéré comme étant au service</u> (1) Un agent correctionnel est en service lorsqu'il accomplit son travail professionnel. (2) Un agent correctionnel est également considéré comme étant au service lorsqu'il est – (a) en congé; (b) en absence autorisée; (c) en formation;
--	---	--

(d) ari mu butumwa bw'akazi; (e) cyangwa yahagaritswe by'agateganyo. (3) Igihe cy'inyigisho z'ibanze ntikibarirwa mu gihe cy'akazi. <u>Ingingo ya 39: Uburenganzira bwo kujya aho ushaka mu gihe cy'ikiruhuko</u> (1) Umukozi ushinze igorora uri mu kiruhuko afite uburenganzira bwo kujya aho ashatse hose mu Gihugu. (2) icyakora, ubuyobozi bubifitiye ububasha bushobora kugabanya cyangwa gusubika uburenganzira bw'uri mu kiruhuko bwo kujya aho ashatse hose mu Gihugu, ku mpamvu z'akazi cyangwa iz'umutekano. <u>Ingingo ya 40: Umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga ikiruhuko cy'umwaka cyangwa uruhushya</u> (1) Komiseri Mukuru na Komiseri Mukuru Wungirije ba RCS bahabwa ikiruhuko n'uruhushya rwo gusiba na Minisitiri w'Intebe. (2) Abakomiseri n'abofisiye bakuru	(d) in official mission; or (e) in suspension of duties. (3) The period for basic training is not counted in the service period. <u>Article 39: Right to go where you want during leave</u> (1) A correctional officer on leave is free to move anywhere in the country. (2) However, the competent authority may restrict or cancel the freedom of a correctional officer on leave to travel anywhere in the country, on grounds of service or security. <u>Article 40: Competent authority to grant annual leave or authorised absence</u> (1) The Commissioner General and Deputy Commissioner General of RCS are granted leave and authorised absence by the Prime Minister. (2) Commissioners and senior officers are	(d) en mission officielle; ou (e) en suspension des fonctions. (3) La période de formation de base n'est pas comptée dans la période de service. <u>Article 39: Droit d'aller où l'on veut pendant le congé</u> (1) Un agent correctionnel en congé est libre de se déplacer partout dans le pays. (2) Toutefois, l'autorité compétente peut restreindre ou supprimer l'exercice de la liberté d'un agent correctionnel en congé de circuler partout dans le pays, pour des raisons de service ou de sécurité. <u>Article 40: Autorité compétente pour l'octroi du congé annuel ou de la permission d'absence</u> (1) Le congé et la permission d'absence du Commissaire Général et du Commissaire Général Adjoint du RCS sont approuvés par le Premier Ministre. (2) Le congé et la permission d'absence
---	---	--

bahabwa ikiruhuko n'uruhushya rwo gusiba na Komiseri Mukuru wa RCS. (3) Abakozi bashinzwe igorora bo mu bindi byiciro bahabwa ikiruhuko n'uruhushya rwo gusiba n'abayobozi b'imitwe bakoreramo. (4) Komiseri Mukuru, Komiseri Mukuru Wungirije n'abakomiseri ba RCS bifuza gufatira ikiruhuko hanze y'Igihugu bahabwa uburenganzira na Perezida wa Repubulika. (5) Abofisiye bakuru n'abofisiye bato ba RCS bifuza gufatira ikiruhuko hanze y'Igihugu bahabwa uburenganzira na Minisitri w'Intebe. (6) Abakozi bashinzwe igorora basigaye, bahabwa uburenganzira bwo gufatira ikiruhuko hanze y'Igihugu na Komiseri Mukuru wa RCS. <u>Ingingo ya 41: Amahugurwa y'umwuga akorerwa mu mahanga</u> Amahugurwa y'umwuga y'umukozi ushinze igorora akorewe mu mahanga yemezwa na Minisitiri ufite serivisi z'igorora mu	granted leave and authorised absence by the Commissioner General of RCS. (3) Other categories of correctional officers are granted leave and authorised absence by their unit commanders. (4) The Commissioner General, the Deputy Commissioner General and commissioners of RCS who intend to have leave outside the country are granted permission by the President of the Republic. (5) Senior officers and junior officers of RCS intending to have a leave outside the country are granted permission by the Primer Minister. (6) Correctional officers under the remaining categories are granted permission to take their annual leave outside the country by the Commissioner General of RCS. <u>Article 41: Professional training outside the country</u> A professional training of a correctional officer outside the country is approved by the Minister in charge of correctional service, on	pour les commissaires et pour les officiers supérieurs sont accordés par le Commissaire Général. (3) Les autres catégories d'agents correctionnels bénéficient d'un congé et d'une permission d'absence par leurs chefs d'unités. (4) Le Commissaire Général, le Commissaire Général Adjoint et les commissaires du RCS souhaitant jouir de leurs congés à l'extérieur du pays sont autorisés par le Président de la République. (5) Les officiers supérieurs et les officiers subalternes du RCS souhaitant jouir de leurs congés à l'extérieur du pays sont autorisés par le Premier Ministre. (6) Les agents correctionnels des catégories restantes souhaitant jouir de leurs congés à l'extérieur du pays sont autorisés par le Commissaire Général du RCS. <u>Article 41: Formation professionnelle à l'étranger</u> La formation professionnelle d'un agent correctionnel effectuée à l'étranger est approuvée par le Ministre ayant les services
---	--	--

nshingano, abisabwe na Komiseri Mukuru wa RCS. <u>Ingingo ya 42: Amahugurwa y’umwuga</u> (1) RCS igenera abakozi bashinzwe igorora amahugurwa y’umwuga hashingiwe ku bumenyi bukenewe n’amapeti bafite. (2) Umukozi ushinzwe igorora uri mu mahugurwa y’umwuga ahabwa amafaranga y’ubushakashatsi iyo akenewe hashingiwe ku cyiciro cy’amahugurwa akurikirana. (3) Komisariya Nshingwabikorwa ya RCS igena ingano y’amafaranga y’ubushakashatsi. (4) Umukozi ushinzwe igorora uri mu mahugurwa y’umwuga agumana uburenganzira ku mushahara n’ubwo kuzamurwa mu mapeti. <u>Icyiciro cya 3: Kwimurwa, gushyirwa ahandi no gutizwa</u> <u>Ingingo ya 43: Kwimurwa</u> (1) Komiseri Mukuru wa RCS ashobora	the proposal by the Commissioner General of RCS. <u>Article 42: Professional training</u> (1) RCS provides professional training for correctional officers taking into consideration required skills and their ranks. (2) A correctional officer undergoing professional training is provided with the research fees when required depending on the category of training the correctional officer is pursuing. (3) The Executive Commissioners Office of RCS determines the amount of research fees. (4) A correctional officer who is in professional training retains their rights on salary and advancement in ranks. <u>Section 3: Transfer, placement and secondment</u> <u>Article 43: Transfer</u> (1) The Commissioner General of RCS	correctionnels dans ses attributions, sur proposition du Commissaire Général du RCS. <u>Article 42: Formation professionnelle</u> (1) Le RCS assure la formation professionnelle des agents correctionnels en tenant compte des compétences requises et de leurs grades. (2) Un agent correctionnel qui suit une formation professionnelle reçoit les frais de recherche lorsqu’ils sont nécessaires en fonction de la catégorie de formation qu’il suit. (3) Le Commissariat Exécutif du RCS détermine le montant des frais de recherche. (4) Un agent correctionnel qui est en formation professionnelle conserve ses droits au salaire et à l’avancement en grade. <u>Section 3: Mutation, placement et détachement</u> <u>Article 43: Mutation</u> (1) Le Commissaire Général du RCS peut
--	---	---

kwimurira umukozi ushinzwe igorora ku wundi mwanya w'umurimo muri RCS, uretse abakozi bashinzwe igorora bashyizwe mu mwanya n'umuyobozi ubifitiye ububasha. (2) Kwimura umukozi ushinzwe igorora mu ishami cyangwa mu igororero bisabwa n'umuyobozi w'ishami cyangwa umuyobozi w'igororero, bikemewe na Komiseri Mukuru wa RCS.	may transfer a correctional officer to another position within RCS, apart from correctional officers appointed by the competent authority. (2) The transfer of a correctional officer within a unit or a correctional facility is proposed by the Director of the unit or Director of the correctional facility and approved by the Commissioner General of RCS.	transférer un agent correctionnel à un autre poste au sein du RCS, à l'exception des agents correctionnels nommés par l'autorité compétente. (2) La mutation d'un agent correctionnel au sein d'une unité ou d'un établissement correctionnel est proposé par le chef de l'unité ou le directeur de l'établissement correctionnel et approuvée par le Commissaire Général du RCS.
<u>Ingingo ya 44: Gushyirwa mu rundi rwego rwa Leta</u> (1) Umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora gushyira umukozi ushinzwe igorora mu rundi rwego rwa Leta. (2) Umukozi ushinzwe igorora washyizwe mu rundi rwego ahabwa umushahara n'urwego yashyirwemo kandi akagengwa n'amategeko yariwo. (3) Iyo umushahara ugendanye n'ipeti ry'umukozi ushinzwe igorora washyizwe ahandi usumba umushahara w'akazi ahawe ahabwa umushahara ugendanye n'ipeti rye.	<u>Article 44: Placement to another State organ</u> (1) The competent authority may place a correctional officer in another State organ. (2) A correctional officer on placement is allocated a salary by the placement organ and governed by its statutory regulations. (3) If the salary corresponding to the rank of a correctional officer on placement is higher than the salary of the job position that the correctional officer is occupying, the correctional officer is allocated a salary on the basis of their rank.	<u>Article 44: Placement dans un autre organe de l'État</u> (1) L'autorité compétente peut placer un agent correctionnel dans un autre organe de l'État. (2) Un agent correctionnel en placement est rémunéré par l'organe de placement et régi par ses règles statutaires. (3) Lorsque le salaire correspondant au grade d'un agent correctionnel en placement est supérieur au salaire du poste qu'il occupe, il est rémunéré sur base de son grade.

(4) Umukozi ushinzwe igorora washyizwe ahandi agumana uburenganzira bwo kuzamurwa mu mapeti n'uburenganzira bujyanye na byo muri RCS.	(4) A correctional officer on placement retains the right to promotion in ranks and related rights within RCS.	(4) Un agent correctionnel en placement conserve le droit à l'avancement en grade et aux droits y relatifs au sein du RCS.
<u>Ingingo ya 45:</u> Itizwa ry'umukozi ushinzwe igorora	<u>Article 45:</u> Secondment of a correctional officer	<u>Article 45:</u> Détachement d'un agent correctionnel
(1) Umukozi ushinzwe igorora ashobora gutizwa mu – (a) rundi rwego rwa Leta; (b) mushinga cyangwa porogaramu bya Leta; (c) kigo Leta ifitemo inyungu; (d) kigo cyigenga gifitanye amasezerano na Leta; (e) muriyango mpuzamahanga; (f) cyangwa isisiyete y'ubucuruzi ya Leta.	(1) A correctional officer may be seconded in – (a) another State organ; (b) government project or program; (c) an institution in which the government has interest; (d) a private institution bound to the government by an agreement; (e) an international organisation; or (f) a State-owned company.	(1) Un agent correctionnel peut être détaché dans – (a) une autre organe de l'État; (b) un projet ou d'un programme de l'État; (c) une institution dans laquelle l'État a des intérêts; (d) une institution privée liée à l'État par une convention; (e) une organisation internationale; ou (f) une société commerciale de l'État.
(2) Iyo umukozi ushinzwe igorora watijwe adahabwa umushahara n'urwego yatijwemo, akomeza guhembwa na	(2) If a seconded correctional officer does not receive a salary from the organ to which the correctional officer is	(2) Lorsque l'agent correctionnel détaché ne perçoit pas de salaire de l'organe auquel il est détaché, il continue d'être

RCS.	seconded, the correctional officer continues to be remunerated by RCS.	rémunéré par le RCS.
(3) Icyakora, ibirebana na indamunite zihariye zijyanye n'akazi zitangwa hakurikijwe amategeko abigenga.	(3) However, special allowances related to the service are provided in accordance with relevant laws.	(3) Toutefois, les indemnités spéciales liées au service sont accordées conformément à la législation en la matière.
(4) Umukozi ushinzwe igorora watijwe agengwa n'iri teka n'amategeko agenga urwego yatijwemo.	(4) A seconded correctional officer is governed by this Order and legislation governing the organ to which the correctional officer is seconded.	(4) L'agent correctionnel détaché est régi par le présent arrêté et la législation régissant l'organe auquel il est détaché.
(5) Umukozi ushinzwe igorora watijwe agumana uburenganzira bwo kuzamurwa mu mapeti n'ubundi burenganzira bujyana na byo.	(5) A seconded correctional officer retains their rights to promotion in ranks and other related rights.	(5) Un agent correctionnel détaché conserve ses droits à l'avancement en grades et aux autres droits y relatifs.
(6) Itizwa ry'umukozi ushinzwe igorora rirengeje ukwezi kumwe rituma umwanya yari arimo uba utagifite uwurimo, bityo ugashyirwamo undi mukozi.	(6) The secondment of a correctional officer for a period of more than one-month results in the vacancy of their original position, which must therefore be filled.	(6) Le détachement d'un agent correctionnel pour une période supérieure à un mois entraîne la vacance de son poste d'origine, qui doit donc être pourvu.
(7) Iyo itizwa rirangiye, umukozi ushinzwe igorora wari waratijwe asubizwa ku murimo muri RCS, keretse iyo irangira ry'itizwa ritewe n'impamvu y'imyitwarire ituma yirukanwa muri RCS.	(7) After termination of secondment, the seconded correctional officer returns in service within RCS unless their secondment was terminated due to disciplinary reasons leading to their dismissal from RCS.	(7) Après la fin du détachement, l'agent correctionnel qui était en détachement reprend son service au sein du RCS, sauf si la fin du détachement est due à des raisons disciplinaires entraînant son licenciement au sein du RCS.
(8) Itizwa ry'umukozi ushinzwe igorora	(8) The secondment of a correctional	(8) Le détachement d'un agent

ryemezwa n'umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga ipeti utizwa afite. <u>Icyiciro cya 4: Guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo</u> <u>Ingingo ya 46: Igihe n'icyemezo byo guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo</u> (1) Umukozi ushinzwe igorora ashobora guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo mu gihe kitarenze amezi atandatu. (2) Icyemezo cyo guhagarika ku mirimo by'agateganyo umukozi ushinzwe igorora gifatwa mu nyandiko na Komiseri Mukuru wa RCS. <u>Ingingo ya 47: Impamvu zo guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo</u> Umukozi ushinzwe igorora ahagarikwa ku mirimo by'agateganyo iyo – (a) afunzwe; (b) akurikiranyweho icyaha; (c) cyangwa hari impamvu zidashidikanywaho zigaragaza ko	officer is approved by the competent authority to award a rank of the seconded correctional officer. <u>Section 4: Suspension from duties</u> <u>Article 46: Period and decision of suspension from duties</u> (1) A correctional officer may be suspended from their duties for a period not exceeding six months. (2) Suspension of a correctional officer is decided in writing by the Commissioner General of RCS. <u>Article 47: Reasons for suspension from duties</u> A correctional officer is suspended from their duties if – (a) the correctional officer is detained; (b) the correctional officer is under prosecution for an offence; or (c) there are tangible evidences that the correctional officer has committed	correctionnel est approuvé par l'autorité compétente à attribuer le grade de l'agent correctionnel détaché. <u>Section 4: Suspension des fonctions</u> <u>Article 46: Période et décision de la suspension des fonctions</u> (1) Un agent correctionnel peut être suspendu de ses fonctions pour une période n'excédant pas six mois. (2) La suspension d'un agent correctionnel est décidée par écrit par le Commissaire Général du RCS. <u>Article 47: Motifs de suspension des fonctions</u> Un agent correctionnel est suspendu de ses fonctions lorsqu'– (a) il est en détention ; (b) il est poursuivi pour une infraction ; ou (c) il existe des preuves tangibles qu'il a commis une faute grave susceptible
---	--	---

yakoze ikosa rikomeye ryatuma ahabwa igihano cyo kubuzwa uburenganzira mboneragihugu, guhagarikwa ku mirimo cyangwa gutinzwa kuzamurwa mu ipeti. <u>Ingingo ya 48:</u> Ingaruka zo guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo Umukozi ushinze igorora uhagaritswe ku mirimo by'agateganyo ntagira uburenganzira ku mushahara, ku izamurwa mu mapeti cyangwa ku burambe muri icyo gihe cy'ihagarikwa. <u>Ingingo ya 49:</u> Irangira ryo guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo Guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo birangirana no – (a) kurangiza igihano cyo mu rwego rw'imitwarire; (b) gusubizwa ku mirimo nyuma y'ifungurwa; (c) gusezererwa; (d) cyangwa kwirukanwa.	serious misconduct likely to lead to deprivation of civic rights, suspension from duties or delay in promotion in rank. <u>Article 48:</u> Effects of suspension from duties A correctional officer who is under suspension from duties has no right to salary, promotion in ranks or seniority during the suspension period. <u>Article 49:</u> End of suspension from duties Suspension from duties ends with – (a) the execution of a disciplinary sanction; (b) the resumption of duties at the end of detention; (c) the removal from office; or (d) the dismissal.	d'entraîner sa dégradation civique, sa suspension de ses fonctions ou un retard à l'avancement en grade. <u>Article 48:</u> Effets de la suspension des fonctions Un agent correctionnel en suspension des fonctions n'a pas droit au salaire, à l'avancement en grades ou à l'ancienneté pendant la période de suspension. <u>Article 49:</u> Fin de la suspension des fonctions La suspension des fonctions prend fin avec – (a) l'exécution d'une sanction disciplinaire; (b) la reprise des fonctions à la fin de la détention; (c) la démission des fonctions; ou (d) la révocation.
--	---	--

<u>Ingingo ya 50: Ivanwaho ry'ingaruka zo guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo</u> (1) Iyo umukozi ushinzwe igorora wahagaritswe ku mirimo by'agateganyo abaye umwere asubizwa mu kazi kandi agahabwa imishahara ye yose atahembwe mu gihe yari yarahagaritswe. (2) Iyo ikurikiranakosa rirangiye umukozi ushinzwe igorora agahabwa igihano kitari icyo gusezerwa cyangwa icyo kwirukanwa, asubizwa mu kazi ariko ntabwo umushahara yari guhabwa mu gihe yari yarahagaritswe.	<u>Article 50: Cancellation of effects of suspension from duties</u> (1) If a correctional officer under suspension from duties is proven innocent, the correctional officer resumes work and is entitled to the salaries withheld during their suspension. (2) Where, at the end of disciplinary proceedings, the correctional officer is subjected to a sanction other than removal from office or dismissal, the correctional officer is reinstated in the service but does not receive salaries withheld during the suspension period.	<u>Article 50: Annulation des effets de la suspension des fonctions</u> (1) Lorsqu'un agent correctionnel sous suspension des fonctions est prouvé innocent, il reprend ses fonctions et a droit aux salaires retenus pendant sa suspension. (2) Lorsque, à la fin de la poursuite disciplinaire l'agent correctionnel est frappé d'une sanction autre que la destitution de ses fonctions ou la révocation, il est réintégré au service mais il ne reçoit pas les salaires retenus pendant sa suspension.
<u>UMUTWE WA V: UBURENGANZIRA, INSHINGANO N'IBIBUJWE</u>	<u>CHAPTER V: RIGHTS, OBLIGATIONS AND PROHIBITIONS</u>	<u>CHAPITRE V: DROITS, OBLIGATIONS ET INTERDICTIONS</u>
<u>Icyiciro cya mbere: Uburenganzira bw'umukozi ushinzwe igorora</u>	<u>Section One: Rights of a correctional officer</u>	<u>Section première: Droits d'un agent correctionnel</u>
<u>Ingingo ya 51: Idosiye y'akazi y'umukozi ushinzwe igorora</u> (1) Umukozi ushinzwe igorora akorerwa idosiye ye y'akazi ikubiyemo amakuru ye y'inyifatiye ndetse n'ayafasha mu isuzumabushobozi rye.	<u>Article 51: Correctional officer's administrative file</u> (1) A correctional officer has an administrative file containing relevant information on their discipline and which may help in their performance	<u>Article 51: Dossier administratif d'un agent correctionnel</u> (1) Un agent correctionnel dispose d'un dossier administratif contenant les informations relatives à sa discipline et celles qui peuvent servir pendant son

(2) Idosiye y'umukozi ushinzwe igorora ibikwa mu buryo bw'ikoranabuhanga, mu mpapuro cyangwa muri ubwo buryo bwombi. <u>Ingingo ya 52: Uburenganzira kuri dosiye</u> Umukozi ushinzwe igorora afite uburenganzira bwo kumenya ibikubiye muri dosiye ye, kuyisoma no kuyifotora. Ashobora kandi gusaba ubuyobozi mu nyandiko ko ibiyikubiyemo bihuzwa n'igihe. <u>Ingingo ya 53: Umutekano w'umukozi ushinzwe igorora</u> RCS ibungabunga umutekano w'umukozi ushinzwe igorora inamurinda iterabwoba n'ihohoterwa igihe ari mu kazi. <u>Ingingo ya 54: Uburenganzira ku bikoresho by'akazi</u> RCS iha umukozi ushinzwe igorora ibikoresho nkenerwa by'akazi. <u>Ingingo ya 55: Kuvuzwa</u> (1) Umukozi ushinzwe igorora n'abishingirwa na we bahabwa	evaluation. (2) The correctional officer's administrative file is filed electronically, physically or both. <u>Article 52: Right to personal file</u> A correctional officer has right to access, consult and copy their personal file. The correctional officer may also request, in writing, the administration to update the administrative file. <u>Article 53: Security of a correctional officer</u> RCS ensures the safety of a correctional officer and protects him or her against threat and violence while at work. <u>Article 54: Right to service equipment</u> RCS provides a correctional officer with equipment necessary for their work. <u>Article 55: Access to medical care</u> (1) A correctional officer and its eligible dependents benefit from health	évaluation des performances. (2) Le dossier administratif d'un agent correctionnel est conservé par voie électronique, par voie physique ou par les deux. <u>Article 52: Droit au dossier personnel</u> Un agent correctionnel jouit du droit d'accès à son dossier, de le consulter et de le copier. Il peut également demander, par écrit, à l'administration de le mettre à jour. <u>Article 53: Sécurité d'un agent correctionnel</u> Le RCS assure la sécurité de l'agent correctionnel et le protège contre les menaces et la violence au travail. <u>Article 54: Droit aux équipements de service</u> Le RCS donne à un agent correctionnel les équipements nécessaires à son travail. <u>Article 55: Accès aux soins médicaux</u> (1) Un agent correctionnel et ses ayants droits bénéficient d'une assurance
---	--	---

ubwishingizi bw'indwara hakurikijwe amategeko abigenga. (2) Umukozi ushinzwe igorora avuzwa ku mafaranga ya Leta iyo uburwayi bwaturutse ku kazi akora. (3) Kuvuzwa k'umukozi ushinzwe igorora kubera uburwayi bukomoka ku kazi bivugwa mu gika cya (2) bishobora gukorerwa mu mavuriro yo mu mahanga hubahirijwe ibisabwa. (4) Umukozi ushinzwe igorora uri mu butumwa bw'akazi mu mahanga avuzwa na Leta. <u>Ingingo ya 56: Gufasha kwimura umukozi ushinzwe igorora</u> RCS yorohereza kwimuka umukozi ushinzwe igorora ugiye gukorera ahandi. <u>Ingingo ya 57: Izamurwa ry'imibereho myiza</u> RCS, igishije inama kandi ifatanyije n'izindi nzego zibishinzwe, ishobora gushyiraho ubundi buryo bwo kuzamura imibereho myiza y'abakozi bashinzwe igorora.	insurance in accordance with relevant laws. (2) A correctional officer benefits medical care at the Government's expenses if the sickness resulted from work. (3) The medical treatment mentioned in Paragraph (2) may be done in hospitals abroad in respect of existing procedures. (4) Medical treatment of a correctional officer on an official mission abroad is fully covered by the Government. <u>Article 56: Facilitation for relocation of a correctional officer</u> RCS facilitates relocation of a correctional officer transferred to another work place. <u>Article 57: Improving welfare</u> RCS, in consultation and collaboration with other relevant organs, may establish other ways of improving the welfare of correctional officers.	maladie, conformément à la législation en la matière. (2) Un agent correctionnel reçoit des soins médicaux à la charge de l'État si la maladie est due du travail. (3) Le traitement médical mentionné au paragraphe (2) peut être effectué dans des hôpitaux situés à l'étranger dans le respect des procédures en vigueur. (4) Les frais de traitement médical d'un agent correctionnel en mission officielle à l'étranger sont entièrement pris en charge par l'État. <u>Article 56: Facilitation au déménagement d'un agent correctionnel</u> Le RCS facilite le déménagement d'un agent correctionnel muté à un autre lieu de travail. <u>Article 57: Amélioration du bien-être</u> RCS, en consultation et collaboration avec d'autres organes compétents, peut établir d'autres moyens d'améliorer le bien-être des agents correctionnels.
---	--	---

<u>Icyiciro cya 2:</u> Inshingano z’umukozi ushinzwe igorora n’ibyo abujijwe <u>Ingingo ya 58:</u> Inshingano z’umukozi ushinzwe igorora muri rusange Umukozi ushinzwe igorora afite inshingano zikurikira: (a) gutanga amabwiriza ku bo ayobora no kubaha ayo ahabwa n’abamuyobora hakurikijwe amategeko n’amabwiriza; (b) kwifata neza no kwiubaha; (c) kutamena ibanga ry’akazi; (d) kurinda neza ibikoreshe by’akazi, umutungo wa RCS ndetse n’uwarindishijwe RCS; (e) gukorana neza no gufatanya n’izindi nzego; (f) kwakira neza no kuyobora abaje bamugana; (g) kwihugura no kwitoza kugira ngo abe ingirakamaro mu kazi ke;	<u>Section 2: Obligations and prohibitions for a correctional officer</u> <u>Article 58: Obligations of a correctional officer in general</u> A correctional officer has the following obligations: (a) to instruct their subordinates and obey orders from superiors in accordance with laws and regulations; (b) to behave with uprightness and dignity; (c) to maintain professional secrecy; (d) to safeguard equipment, RCS properties and properties under RCS disposal; (e) to work effectively and cooperate with other organs; (f) to receive with care and assist customers; (g) to educate and train himself or herself to professionally accomplish one’s duties;	<u>Section 2: Obligations et interdictions d’un agent correctionnel</u> <u>Article 58: Obligations d’un agent correctionnel en général</u> Un agent correctionnel a les obligations suivantes: (a) donner les instructions aux subordonnés et obéir aux ordres reçus conformément à la loi et aux règlements; (b) se comporter avec droiture et dignité; (c) préserver du secret professionnel; (d) prendre soin des matériels, les biens du RCS et les biens sous la disposition du RCS; (e) travailler étroitement et collaborer avec d’autres organes; (f) accueillir avec soin et porter assistance aux clients; (g) s’instruire et s’entraîner en vue d’être efficace dans l’exercice de ses fonctions;
--	--	---

(h) kuba buri gihe yiteguye gukora imirimo ashinzwe. <u>Ingingo ya 59: Inshingano z’umukozi ushinze igorora uyobora abandi</u> Umukozi ushinze igorora uri mu rwego rw’ubuyobozi afite inshingano zikurikira: (a) kugenzura abo ashinzwe kuyobora; (b) gutanga amabwiriza no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ryayo; (c) guharanira ko abo ashinzwe kuyobora bamwumvira hubahirijwe amategeko n’amabwiriza; (d) kubaha uburenganzira bw’abo ayobora; (e) gukora isuzumabushobozi ry’abakozi ayobora no kubashishikariza umurimo; (f) gushima, kugira inama no guhana abo ayobora ku rwego rwe; (g) kwakira no gukemura ibibazo by’abo ashinzwe kuyobora; (h) guha agaciro abo ayobora no	(h) to be available for duty at any time. <u>Article 59: Obligations of a correctional officer in a leadership position</u> A correctional officer in a leadership position has the following obligations: (a) to supervise their subordinates; (b) to provide instructions and check their execution; (c) to ensure obedience of subordinates in limits of laws and orders; (d) to respect rights of their subordinates; (e) to assess the performance of subordinates and motivate them; (f) to appraise, advise and punish their subordinates within the limits of their appointment; (g) to listen and to solve problems of their subordinates; (h) to treat their subordinates with	(h) être prêt à servir à tout instant. <u>Article 59: Obligations d’un agent correctionnel en position d’autorité</u> Un agent correctionnel en position d’autorité a les obligations suivantes: (a) superviser ses subalternes; (b) donner des ordres et s’assurer de leur exécution; (c) assurer l’obéissance de ses subalternes dans les limites des lois et règlements; (d) respecter les droits de ses subalternes; (e) évaluer les performances de ses subalternes et les motiver; (f) récompenser, conseiller et sanctionner les subordonnés dans les limites de ses responsabilités; (g) recevoir et trouver des solutions aux problèmes de ses subalternes; (h) traiter ses subalternes avec dignité et
---	--	--

kububaha. <u>Ingingo ya 60:</u> Ibibujijwe umukozi ushinzwe igorora Umukozi ushinzwe igorora abujijwe – (a) kujya mu nzego z’ubuyobozi – (i) bw’ishyirahamwe; (ii) bw’umuryango utari uwa Leta; (iii)bw’umuryango ushingiyeye ku myemerere; (iv)bwa fondasiyo; (v) bw’isosiyeti y’ubucuruza; cyangwa (vi)bwa koperative; (b) kujya mu myigaragambyo cyangwa kugira uruhare mu bikorwa bigamije gutuma ibaho; (c) kujya mu bikorwa by’imitwe ya politiki cyangwa mu yandi mashyirahamwe afitanye isano na politiki;	dignity and respect. <u>Article 60:</u> Prohibitions for a correctional officer A correctional officer is prohibited from – (a) participating in the management of – (i) an association; (ii) a non-governmental organisation; (iii)a faith-based organisation; (iv)a foundation; (v) a company; or (vi)a cooperative; (b) participating in strikes or taking part in actions intending to provoke strikes; (c) being involved in activities of political parties or any other association of a political nature;	respect. <u>Article 60:</u> Interdictions d’un agent correctionnel Il est interdit à un agent correctionnel de – (a) faire partie de l’administration – (i) d’une association; (ii) d’une organisation non gouvernementale; (iii)d’une organisation fondée sur la foi; (iv)d’une fondation; (v) d’une société commerciale; ou (vi) d’une coopérative; (b) participer à des grèves ou prendre part à des actions visant à provoquer une grève; (c) participer aux activités des partis politiques ou à d’autres associations d’ordre politique;
---	--	---

(d) kwaka cyangwa kwakira we ubwe cyangwa binyujijwe ku wundi, nubwo byaba ari hanze y'akazi, impano, indonke, amashimwe cyangwa indi nyungu ishobora gutuma abantu bamutakariza icyizere, ubudakemwa, gukoresha ukuri no kutabogama;	(d) demanding or accepting directly or through intermediary even outside the exercise of functions donations, gifts, bonuses or any advantages likely to undermine their moral authority, integrity, objectivity and impartiality;	(d) exiger ou d'accepter directement ou par intermédiaire même en dehors de l'exercice de ses fonctions des dons, des cadeaux, des primes ou des avantages susceptibles de porter atteinte à son autorité morale, à son intégrité, à son objectivité et à son impartialité;
(e) kwitwaza umwanya afite nk'umukozi ushinze igorora kugira ngo atishyura cyangwa ngo asabe gusonerwa imyenda;	(e) taking advantage of their status of being correctional officer in order to evade paying debts or solicit exemption thereof;	(e) faire valoir son statut d'agent correctionnel pour ne pas payer les dettes ou être exonéré;
(f) kwakira we ubwe cyangwa binyuze ku muryango we impano cyangwa indonke ahawe n'umuntu ufunzwe cyangwa umuryango w'umuntu ufunzwe;	(f) accepting personally or through their family a donation or gift of any kind from an incarcerated person or from the family of an incarcerated person;	(f) accepter, personnellement ou par l'intermédiaire de sa famille un don ou un cadeau de quelque nature que ce soit de la part d'une personne incarcérée ou de la famille d'une personne incarcérée;
(g) gukwirakwiza cyangwa gutanga amafirimi, amafoto n'amajwi byafashwe mu kazi ka RCS keretse mu buryo buteganywa n'amategeko ngengamikorere;	(g) distribute or give out films, pictures and recorded voices taken in RCS work except in the manner provided for by the Standard Operating Procedures; and	(g) de distribuer ou de donner des films, des photos ou des enregistrements pris lors des activités du RCS sauf pour des cas déterminés par le règlements d'ordre intérieur; et
(h) no kugira uruhare ruziguye cyangwa rutaziguye mu gufasha cyangwa guhishira iyinjizwa ry'ibintu bitemewe mu igororero cyangwa mu yindi nyubako ya RCS.	(h) be involved directly or through an intermediary, facilitate or conceal the smuggling of contrabands in a correctional facility or any RCS facility.	(h) de s'engager directement ou par intermédiaire, faciliter ou cacher le trafic des contrebandes dans un établissement correctionnel ou dans tout autre établissement du RCS.

UMUTWE WA VI: IRANGIRA RY'UMURIMO N'ISHIMWE RIHABWA UMUKOZI USHINZWE IGORORA UGIYE MU KIRUHUKE CY'IZABUKURU <u>Ingingo ya 61:</u> Impamvu zo kuva mu bakozi bashinzwe igorora (1) Umukozi ushinzwe igorora ava mu bakozi bashinzwe igorora iyo – (a) ashyizwe mu kiruhuko cy'izabukuru; (b) arangije amasezerano ye y'umurimo; (c) asezeye ku kazi; (d) yemerewe guhagarika akazi by'igihe gito; (e) asezerewe; (f) asezerewe kubera impamvu z'uburwayi; (g) akatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu mu rubanza rwabaye	CHAPTER VI: TERMINATION OF SERVICE AND RECOGNITION OF A RETIRED CORRECTIONAL OFFICER <u>Article 61:</u> Reasons for termination of employment of a correctional officer (1) A correctional officer terminates their service if the correctional officer – (a) is granted a retirement; (b) ends their service contract; (c) resigns; (d) is authorised to suspend work for a short period; (e) is removed from office; (f) is discharged from office for health reasons; (g) is sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six months in a	CHAPITRE VI: CESSATION DE FONCTION ET RECONNAISSANCE D'UN AGENT CORRECTIONNEL RETRAITÉ <u>Article 61:</u> Motifs de cessation de fonctions d'un agent correctionnel (1) Un agent correctionnel cesse ses fonctions lorsque – (a) il est mis à la retraite; (b) il termine son contrat de service; (c) il démissionne; (d) il est autorisé à suspendre le travail pour une courte durée; (e) il est démis de ses fonctions; (f) il est libéré pour cause de maladie; (g) il est condamné à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à six mois dans un jugement
--	---	--

ndakuka; (h) yirukanwe ku kazi; (i) asubijwe mu buzima busanzwe; (j) cyangwa apfuye. (2) Umukozi ushinzwe igorora uvanywe mu kazi akurwa ku rutonde rw'abakozi bashinzwe igorora kandi agasubiza umutungo wa RCS yakoresheje. <u>Ingingo ya 62: Imyaka yo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru</u> (1) Imyaka yo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru ku mukozi ushinzwe igorora ni – (a) imyaka 60 kuri Komiseri; (b) imyaka 55 kuri Ofisiye mukuru; (c) imyaka 50 kuri Ofisiye muto; (d) n'imyaka 45 kuri ba suzofisiye n'abawada. (2) icyakora, umuyobozi ufite ububasha	judgement rendered in the last instance; (h) is dismissed; (i) is laid-off; or (j) dies. (2) A correctional officer who terminates their service is removed from the list of correctional officers and returns property put at their disposal by RCS. <u>Article 62: Retirement age</u> (1) The retirement age for a correctional officer is – (a) 60 years for a Commissioner; (b) 55 years for a Senior Officer; (c) 50 years for a Junior Officer; and (d) 45 years for non-commissioned officers and warders. (2) However, the authority entrusted with	rendu en dernier ressort; (h) il est révoqué; (i) il est désengagé; ou (j) il décède. (2) Un agent correctionnel qui cesse son emploi est radié de la liste des employés du RCS et remet les biens mis à sa disposition par le RCS. <u>Article 62: Âge de départ à la retraite</u> (1) L'âge de départ à la retraite d'un agent correctionnel est de – (a) 60 ans pour un Commissaire; (b) 55 ans pour un Officier Supérieur; (c) 50 ans pour un Officier Subalterne; et (d) 45 ans pour les sous-officiers et les surveillants. (2) Toutefois, l'autorité nantie du pouvoir
--	--	---

bwo kuzamura mu ipeti ryisumbuye umukozi ushinzwe igorora ashobora kongera imyaka yo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru, mu nyungu z'akazi. Igihe cy'inyongera ntigishobora kurenza imyaka itanu. <u>Ingingo ya 63: Kujya mu kiruhuko cy'izabukuru cy'imburagihe</u> (1) Umuyobozi ufite ububasha bwo kuzamura mu ipeti ashobora gushyira umukozi ushinzwe igorora mu kiruhuko cy'izabukuru cy'imburagihe giteganywa muri iri teka. (2) Hashingiwe ku myaka ye n'icyiciro arimo, umukozi ushinzwe igorora ashobora gusaba kujya mu kiruhuko cy'izabukuru cy'imburagihe, akagihabwa mu buryo bukurikira: (a) Komiseri: kuba afite nibura imyaka 55 y'amavuko; (b) Ofisiye mukuru: kuba afite nibura imyaka 50 y'amavuko; (c) Ofisiye muto: kuba afite nibura imyaka 45 y'amavuko; (d) andi mapeti: kuba afite nibura	the powers to promote a correctional officer to a higher rank may extend the retirement age of the correctional officer, in the interest of service. The extended period cannot exceed five years. <u>Article 63: Early retirement</u> (1) The competent authority to give promotion in rank may retire a correctional officer before the retirement period specified in this Order. (2) Depending on their age and category, a correctional officer may request for early retirement and be granted under the following conditions: (a) Commissioner: be at least 55 years old; (b) Senior Officer: be at least 50 years old; (c) Junior Officer: be at least 45 years old; (d) other ranks: be at least 40 years	de promouvoir un agent correctionnel à un grade supérieur peut prolonger l'âge de mise à la retraite de l'agent correctionnel, dans l'intérêt du service. La période de prolongation ne peut pas dépasser cinq ans. <u>Article 63: Retraite anticipée</u> (1) L'autorité compétente pour l'avancement en grade peut mettre à la retraite un agent correctionnel avant la période de mise à la retraite prévue au présent arrêté. (2) En fonction de son âge et sa catégorie, un agent correctionnel peut demander la retraite anticipée et en bénéficier dans les conditions suivantes: (a) Commissaire: être âgé d'au moins 55 ans; (b) Officier supérieur: être âgé d'au moins 50 ans; (c) Officier subalterne: être âgé d'au moins 45 ans; (d) autres grades: être âgé d'au moins
--	---	---

imyaka 40 y'amavuko. (3) Haseguriwe imyaka y'amavuko ivugwa mu gika cya (2), umukozi ushinze igorora ahabwa ikiruhuko cy'izabukuru cy'imburagihe iyo amaze imyaka 15 nibura mu kazi. Iyo yakoze mu zindi nzego za Leta byitabwaho. (4) Kuja mu kiruhuko cy'izabukuru n'ikiruhuko cy'izabukuru cy'imburagihe byemezwa n'Inama Nkuru ya RCS, bisabwe na Komiseri Mukuru wa RCS. <u>Ingingo ya 64: Amafaranga y'impamba y'ikiruhuko cy'izabukuru</u> (1) Umukozi ushinze igorora ugiye mu kiruhuko cy'izabukuru ahabwa amafaranga y'impamba y'izabukuru angana n'umushahara w'amezi 36 ubarirwa ku mushahara we mbumbe yari agezeho mu mwuga wo kugorora. (2) Umukozi ushinze igorora watijwe muri RCS, wujuje ibisabwa mu rwego rwamutije no muri RCS kugira ngo ahabwe imperekeza y'izabukuru, ahitamo aho ayifatira.	old. (3) Subject to the age referred to in Paragraph (2), a correctional officer is eligible for early retirement when the correctional officer has served for at least 15 years. If the correctional officer has served within other State organs, it is taken into consideration. (4) Retirement and early retirement are approved by the High Council of RCS upon recommendation of Commissioner General of RCS. <u>Article 64: Retirement benefits</u> (1) A correctional officer who retires is entitled to a retirement package equal to 36 monthly salary calculated on the basis of their monthly current gross salary in their profession of correctional service. (2) A correctional officer seconded to RCS, eligible to retirement package in the organ that seconded him or her and in RCS chooses the institution to release the package.	40 ans. (3) Sous réserve de l'âge visé au paragraphe (2), l'agent correctionnel ne bénéficie de la retraite anticipée que s'il a servi pendant 15 ans au moins. S'il a travaillé dans d'autres organes de l'État, cela est pris en considération. (4) La retraite et la retraite anticipée sont approuvées par le Haut Conseil du RCS, sur proposition du Commissaire Général du RCS. <u>Article 64: Indemnité de mise à la retraite</u> (1) L'agent correctionnel qui prend sa retraite a droit à une indemnité de mise à la retraite égale à 36 salaires mensuels calculés sur la base de son salaire brute actuel dans sa profession de service correctionnel. (2) Un agent correctionnel servant en qualité de détachement au RCS éligible à l'indemnité de retraite dans l'organe mère et le RCS choisit l'institution à décaisser l'indemnité.
---	--	---

(3) Umukozi ushinzwe igorora wahawe amafaranga y'impamba y'ikiruhuko cy'izabukuru n'urundi rwego rwa Leta, ntahabwa imperekeza iteganywa mu gika cya (1). <u>Ingingo ya 65: Uburenganzira mu kiruhuko cy'izabukuru</u> Komiseri na Ofisiye mukuru uri mu kiruhuko cy'izabukuru bemerewe kwambara impuzankano y'ibirori y'abakozi bashinzwe igorora n'amapeti yabo ku minsi mikuru ya Leta. <u>Ingingo ya 66: Kuvuzwa k'umukozi ushinzwe igorora uri mu kiruhuko cy'izabukuru</u> Umukozi ushinzwe igorora uri mu kiruhuko cy'izabukuru akomeza kuvuzwa hakurikijwe ubwishingizi RCS ikoresha. <u>Ingingo ya 67: Imperekeza y'urangije amasezerano</u> Umukozi ushinzwe igorora ugengwa n'amasezerano y'umurimo ahabwa imperekeza ingana n'amezi 36 y'umushahara mbumbe yari agezeho iyo arangije amasezerano y'umurimo ye.	(3) A correctional officer who received retirement package from another government organ is not entitled to the package provided for in Paragraph (1). <u>Article 65: Rights in retirement</u> A retired Commissioner and Senior Officer are allowed to wear ceremonial uniform of correctional officers and their ranks during official State ceremonies. <u>Article 66: Medical care for a retired correctional officer</u> A correctional officer who retires continues to receive medical care in accordance with the health insurance scheme used by RCS. <u>Article 67: End of contract package</u> A correctional officer serving on service contract basis receives an end of contract package equivalent to 36 months of their last gross salary if the correctional officer ends their contract.	(3) Un agent correctionnel ayant reçu d'indemnité de mise à la retraite d'un autre organe gouvernemental, n'est pas éligible à l'indemnité prévue au paragraphe (1). <u>Article 65: Droits dans la retraite</u> Un Commissaire et un Officier Supérieur retraité sont autorisés à porter l'uniforme cérémonial des agents correctionnels avec leurs grades lors des cérémonies officielles de l'État. <u>Article 66: Soins médicaux d'un agent correctionnel mis à la retraite</u> Un agent correctionnel qui prend sa retraite continue à bénéficier des soins médicaux conformément au régime d'assurance maladie utilisé par le RCS. <u>Article 67: Indemnités de fin de contrat</u> L'agent correctionnel servant sur la base du contrat de service reçoit une indemnité de fin de contrat équivalente à 36 mois de son dernier salaire brut lorsqu'il termine son contrat de service.
--	--	--

<u>Ingingo ya 68: Gusezera ku kazi</u> (1) Ubusabe bwo gusezera ku kazi bushyikirizwa umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga ipeti ryo mu cyiciro umukozi ushinzwe igorora usezera arimo, bunyujijwe kuri Komiseri Mukuru wa RCS. (2) Umukozi ushinzwe igorora usabye gusezera ku kazi, akomeza gukora imirimo ye kugeza igihe amenyesherejwe icyemezo ku busabe bwe.	<u>Article 68: Resignation</u> (1) The application for resignation is addressed to the authority empowered to award the rank of the category in which the resigning correctional officer finds himself or herself, through the Commissioner General of RCS. (2) A correctional officer who submits their application for resignation continues to perform their duties until the correctional officer is notified of the decision on their application.	<u>Article 68: Démission</u> (1) La demande de démission est adressée à l'autorité habilitée à attribuer le grade de la catégorie où se trouve l'agent correctionnel qui démissionne, par l'intermédiaire du Commissaire Général du RCS. (2) Un agent correctionnel qui présente sa démission, continue d'exercer ses fonctions jusqu'à ce que la décision sur sa demande lui soit notifiée.
<u>Ingingo ya 69: Ukudasubirwaho ko gusezera ku kazi</u> Iyo ubusabe bwo gusezera ku kazi bwamaze kwakirwa, ntibushobora gusubirwaho.	<u>Article 69: Irrevocability of resignation</u> Once an application for resignation has been received, it cannot be revoked.	<u>Article 69: Irrévocabilité de la démission</u> Une fois la demande de démission est reçue, elle ne peut pas être révoquée.
<u>Ingingo ya 70: Ihagarika ry'akazi by'igihe gito</u> (1) Umukozi ushinzwe igorora yemerewe guhagarika akazi by'igihe gito ku mpamvu ze bwite. (2) Umukozi ushinzwe igorora ashobora kwemererwa guhagarika akazi mu gihe	<u>Article 70: Suspension of duties for a short period</u> (1) A correctional officer is allowed to suspend their duty for a short period, for their personal reasons. (2) A correctional officer may be allowed to suspend duties for one-year	<u>Article 70: Suspension de travail pour une courte durée</u> (1) Un agent correctionnel est autorisé de suspendre son travail pour une courte durée pour des raisons personnelles. (2) Un agent correctionnel peut être permis de suspendre son travail pour une

cy'umwaka umwe ushobora kongerwa. (3) Ubusabe bushyikirizwa Minisitiri ufite serivisi z'igorora mu nshingano mu nyandiko bunyujijwe kuri Komiseri Mukuru wa RCS, na we agasubiza mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku munsu ubusabe bwakiriweho. <u>Ingingo ya 71: Gusezererwa</u> Umukozi ushinze igorora asezererwa n'umuyobozi ufite ububasha bwo kumushyira mu mwanya iyo – (a) atacyujwe ibyashyigirweho ahabwa akazi; (b) atazamuye mu ntera inshuro ebyiri zikurikirana; (c) yashyizwe mu cyiciro cy'ikigwari cyangwa icya ntamwete inshuro ebyiri zikurikirana ; (d) cyangwa afunzwe igihe kirengeje amezi atandatu. <u>Ingingo ya 72: Gusezererwa ku mirimo kubera impamvu z'uburwayi</u> (1) Iyo umukozi ushinze igorora adashoboye gusubira mu kazi ke	renewable. (3) The application is submitted to the Minister in charge of correctional services through the Commissioner General of RCS, who responds within 30 days counted from the date of reception of the request. <u>Article 71: Removal from office</u> A correctional officer is removed from office by the authority entrusted with the power of appointment if the correctional officer – (a) no longer fulfils the requirements considered at the time of appointment; (b) has not been promoted for two consecutive times; (c) is classified in the category of poor or fair two consecutive times; or (d) is under detention for a period exceeding six months. <u>Article 72: Discharge from duties due to sickness reasons</u> (1) If a correctional officer is unable to resume their work after the expiry of	année renouvelable. (3) L'application est soumise au Ministre ayant les services correctionnels dans ses attributions sous couvert du Commissaire Général du RCS, qui répond dans un délai de 30 jours comptés à partir du jour de sa réception. <u>Article 71: Démission des fonctions</u> Un agent correctionnel est démis de ses fonctions par l'autorité investie du pouvoir de nomination lorsqu' – (a) il ne remplit plus les conditions considérées lors de sa nomination; (b) il n'a pas été promu pendant deux périodes consécutives; (c) il est classé dans la catégorie de médiocre ou celle d'assez bon deux fois consécutives; ou (d) il fait l'objet d'une détention pour une période supérieure à six mois. <u>Article 72: Décharge de fonctions pour cause des maladies</u> (1) Lorsqu'un agent correctionnel n'est pas en mesure de reprendre son travail
--	---	--

nyuma y'ikiruhuko kirekire cy'uburwayi giteganywa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, umuyobozi wamushyizeho amusezerera ku mirimo kubera impamvu z'uburwayi. (2) Umukozi ushinzwe igorora usezerewe kubera impamvu z'uburwayi ahabwa amafaranga y'imperekeza angana n'umushahara w'amezi 12 abarirwa ku mushahara mbumbe we wa nyuma munini kandi agafashwa na Leta hakurikijwe amategeko abigenga. <u>Ingingo ya 73: Gusubiza mu buzima busanzwe umukozi ushinzwe igorora</u> (1) Umuyobozi ufite ububasha bwo kuzamura mu ipeti ashobora gusubiza mu buzima busanzwe umukozi ushinzwe igorora iyo – (a) ubusabe bwo guhagarika akazi bw'umukozi ushinzwe igorora bwemewe; (b) isuzumabushobozi riheruka rigaragaza ko umukozi ushinzwe igorora afite ubushobozi buke;	the long-term sick leave period provided for in the law establishing the general statute governing public servants, the authority who appointed him or her discharges him or her from duties due to sickness reasons. (2) A correctional officer discharged from duties due to sickness reasons is entitled to termination benefits equal to 12 monthly salary calculated on the basis of their last highest gross salary and is assisted by the State according to relevant laws. <u>Article 73: Lay off of a correctional officer</u> (1) The competent authority with the powers to promote in rank may lay off a correctional officer if – (a) the request to cease the service of correctional officer is approved; (b) the last performance evaluation indicates poor performance of the correctional officer; or	à l'expiration de la période de congé de maladie de longue durée prévue par la loi portant statut général régissant les agents de l'État, l'autorité qui l'a nommé le décharge de ses fonctions pour cause de maladies. (2) L'agent correctionnel déchargé des fonctions pour cause de maladie a droit à une indemnité de départ équivalente à 12 salaires mensuels calculés sur base de son dernier salaire brut le plus élevé et est assisté par l'État conformément à la législation en la matière. <u>Article 73: Désengagement d'un agent correctionnel</u> (1) L'autorité compétente pour l'avancement en grade peut procéder au désengagement d'un agent correctionnel lorsque – (a) la demande de cessation de service de l'agent correctionnel est approuvée; (b) la dernière évaluation des performances de l'agent correctionnel prouve qu'il est médiocre; ou
---	--	--

(c) cyangwa ubushobozi bw'umukozi ushinzwe igorora butajyanye ibisabwa, hakurikijwe isuzuma ngororamubiri yakorewe. (2) Umukozi ushinzwe igorora usubijwe mu buzima busanzwe ahabwa amafaranga y'imperekeza angana n'amezi atandatu y'umushahara mbumbe we wa nyuma. <u>Ingingo ya 74: Kwirukanwa ku kazi</u> (1) Umukozi ushinzwe igorora yirukanwa mu kazi iyo – (a) ahamwe n'ikosa ryo mu rwego rw'imyitwarire rihanishwa igihano cyo kwirukanwa; (b) atagifite ubwenegihugu bw'u Rwanda; (c) yatanze amakuru ye bwite atari yo mu gihe cyo kwinjizwa mu murimo; (d) ahanishijwe mu rubanza rwabaye ndakuka igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu;	(c) individual abilities of the correctional officer are not up to standard, as confirmed by the results of their physical fitness test. (2) A correctional officer who is laid off is entitled to termination benefits equal to six months of their last gross salary. <u>Article 74: Dismissal</u> (1) A correctional officer is dismissed from duties if the correctional officer– (a) is found guilty of a disciplinary fault sanctioned by dismissal; (b) is no longer of Rwandan nationality; (c) has provided wrong information about himself or herself during recruitment; (d) is sentenced to an imprisonment term equal to or exceeding six months in a judgement rendered in the last instance;	(c) les capacités individuelles de l'agent correctionnel ne correspondent pas aux normes compte tenu des résultats de son test d'aptitude physique. (2) Un agent correctionnel mis en disponibilité a droit à une indemnité équivalant à six mois de son dernier salaire brut. <u>Article 74: Révocation</u> (1) Un agent correctionnel est révoqué de ses fonctions lorsque – (a) il est reconnu coupable d'une faute disciplinaire sanctionnée par la révocation; (b) il n'est plus de nationalité rwandaise; (c) il a fourni des fausses informations à son sujet lors du recrutement ; (d) il est condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois dans un jugement rendu en dernier ressort;
---	--	--

(e) yanze gukora amahugurwa yoherejwemo na RCS; (f) cyangwa ahanishijwe inshuro ebyiri mu mwaka umwe igihano cyo guhagarikwa by'agateganyo kandi igiteranyo cyacyo kirenze amezi atanu. (2) Uretse impamvu iteganywa mu gika cya (1)(a), kwirukana umukozi ushinzwe igorora hashingiwe ku zindi mpamvu ziteganywa mu gika cya (1) ntibisaba ko habanza kubaho ikurikirana ry'ikosa ry'imyitwarire. (3) icyemezo cyo kwirukana umukozi ushinzwe igorora kigira inkurikizi uhereye ku munsu uwo mukozi yakimenyesherejweho. UMUTWE WA VII: KOMITE ISHINZWE IMYITWARIRE, AMAKOSA YO MU RWEGO RW'AKAZI, UBURYO BWO KUYAKURIKIRANA N'IBIHANO BYAYO <u>Icyiciro cya mbere:</u> Komite zishinzwe imyitwarire	(e) refuses to undertake a course assigned to him or her by RCS; or (f) is punished twice in the same year by a cumulative suspension of more than five months. (2) With the exception of the ground referred to in Paragraph (1)(a), the dismissal of a correctional officer based on the other grounds referred to Paragraph (1) does not require any disciplinary procedure to be followed. (3) A decision to dismiss a correctional officer takes effect from the date on which the correctional officer is notified of the decision. CHAPTER VII: DISCIPLINARY COMMITTEE, FAULTS, PROCEEDINGS AND RELATED SANCTIONS <u>Section One:</u> Disciplinary committees	(e) il refuse de suivre une formation lui recommandée par le RCS; ou (f) il est sanctionné deux fois dans une même année d'une suspension cumulative excédant de plus de cinq mois. (2) À l'exception du motif mentionné au paragraphe (1)(a), la révocation d'un agent correctionnel sur la base des autres motifs prévus au paragraphe (1) n'exige pas de suivre la procédure disciplinaire. (3) La décision de révocation d'un agent correctionnel prend effet à compter de la date à laquelle l'agent correctionnel en est notifié. CHAPITRE VII: COMMITÉ DE DISCIPLINE, FAUTES DISCIPLINAIRES, PROCÉDURE ET LEURS SANCTIONS <u>Section première:</u> Comités de discipline
---	--	---

wahanishijwe igihano cyo kugororerwa mu kigo cya RCS gishinzwe imyitwarire akomeza guhabwa umushahara we. <u>Ingingo ya 95</u> : Amakosa ahanishwa guhagarikwa by'agateganyo Umukozi ushinzwe igorora ahanishwa igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu adahembwa icyo: (b) atutse cyangwa asebeje undi mukozi ushinzwe igorora cyangwa umugenerwabikorwa wa serivisi; (c) adatangana umwete serivisi ku mugenerwabikorwa; (d) asuzuguye umuyobora mu kazi cyangwa umukuriye; (e) agandishije abandi bakozi mu gukora inshingano zabo; (a) ataye akazi mu gihe cy'iminsi umunani kugeza ku minsi 15; (f) akurikiye inyungu ze bwite mu gihe yuzuza inshingano ze;	rehabilitation under RCS disciplinary centre continues to receive their salary. <u>Article 95: Fault sanctioned by suspension</u> A correctional officer is sanctioned by a suspension without pay for a maximum period of three months if the correctional officer – (a) insults or defames another correctional officer or a service beneficiary; (b) does not diligently serve a service beneficiary; (c) is insubordinate to supervisor or superior; (d) deters colleagues from performing their duties; (e) abandons their post for a period of eight to 15 days; (f) pursues personal interest in performing their duties; or	réhabilitation dans un centre disciplinaire du RCS continue de recevoir de son salaire. <u>Article 95</u> : Fautes sanctionnées par la suspension Un agent correctionnel est sanctionné par une suspension pour une période maximale de trois mois sans être payé s'il – (a) insulte ou diffame un autre agent correctionnel ou un bénéficiaire de service ; (b) ne sert pas avec diligence un bénéficiaire de service; (c) est sujet d'insubordination à son supérieur hiérarchique ou son supérieur; (d) décourage ses collègues d'exercer leurs attributions; (a) abandonne le service pour une période de huit à 15 jours; (e) poursuit son intérêt personnel dans l'exercice de ses fonctions;
---	---	---

(g) cyangwa anyoye inzoga cyangwa ibindi bisindisha mu gihe ari mu kazi. <u>Ingingo ya 96:</u> Amakosa ahanishwa kwirukanwa (1) Umukozi ushinzwe igorora yirukanwa muri RCS iyo – (a) ataye akazi mu gihe kirenze iminsi 15; (b) agurisha ibikoresho by’akazi cyangwa ibyo ashinzwe kurinda; (c) atunze ku buryo bunyuranyije n’amategeko ibintu bishobora guteza inkongi cyangwa biturika bishobora guhungabanya umutekano; (d) yinjiza cyangwa agira uruhare mu kwinjiza ibitemewe mu igororero cyangwa mu yindi nyubako ya RCS; (e) agaragayeho imyifatire iganisha kuri ruswa cyangwa afite imyifatire	(g) consumes alcohol or other intoxicating substances while on duty. <u>Article 96:</u> Faults sanctioned by dismissal (1) A correctional officer is dismissed from RCS if the correctional officer– (a) abandons their post for more than 15 days; (b) sells service equipment or other materials under their responsibility; (c) possesses illegally flammable or explosive materials likely to cause insecurity; (d) introduces or participates in the introduction of prohibited objects into a correctional facility or any other RCS facility; (e) is suspected of any attempt to corruption or of having solicited,	(f) consomme de l’alcool ou d’autres substances intoxicantes pendant le service. <u>Article 96</u> : Fautes sanctionnées par révocation (1) Un agent correctionnel est révoqué du RCS lorsqu’il – (a) abandonne le service pour plus de 15 jours ; (b) vend des équipements de service ou d’autres matériels sous sa responsabilité ; (c) possède illégalement des matières inflammables ou explosives pouvant provoquer l’insécurité ; (d) introduit et participe dans l’entrée des objets interdits dans l’établissement correctionnel ou dans tout autre établissement du RCS ; (e) est soupçonné de tentative de corruption ou d’avoir sollicité,
---	---	--

iteye amakenga ko yakiriye ruswa ubwe cyangwa binyujijwe ku wundi kabone n'iyi inkiko zaba zitarafata ibyemezo byazo;	accepted or offered corruption by himself or herself or through a third party even if courts have not yet rendered their decision;	accepté or offert la corruption par lui-même ou par l'intermédiaire d'une tierce personne même si les juridictions n'ont pas encore rendu leur décision ;
(f) yanze kurahira indahiro;	(f) refuses to take oath;	(f) refuse de prêter le serment ;
(g) akatiwe mu rubanza rwabaye ndakuka igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu;	(g) is sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six months in a judgement rendered in the last instance;	(g) est condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois dans un jugement rendu en dernier ressort ;
(h) yatanze ibyangombwa bihimbano kugira ngo ahabwe akazi;	(h) submitted falsified credentials during their recruitment;	(h) a déposé des documents falsifiés pour son recrutement ;
(i) yiba mu kazi;	(i) steals at work;	(i) vole au travail ;
(j) agira imyitwarire itesha agaciro harimo gusinda bikabije, kurangwa n'imyenda, uburaya no kutita ku muryango;	(j) exhibits dishonourable behaviors including excessive drunkenness, indebtedness, prostitution and family neglect;	(j) affiche des comportements déshonorants y compris l'ivresse excessive, l'endettement, la prostitution et la négligence de la famille ;
(k) agaragaza ibikorwa by'ivangura, amacakubiri n'itonesha;	(k) manifests acts of discrimination, sectarianism and nepotism; or	(k) manifeste des actes de discrimination, de sectarisme et de népotisme ; ou
(l) cyangwa ataye cyangwa agurishije imbunda, cyangwa akayikoresha mu buryo bunyuranyije	(l) loses or sells a firearm or used it in a manner contrary to laws.	(l) perd ou vend une arme à feu ou l'utilise d'une façon contraire à la loi.

n'amategeko. (2) Mu gihe hakorwa iperereza, umukozi ushinzwe igorora ukurikiranyweho ikosa ry'imyifatire rivugwa mu gika cya (1) aba acumbikiwe mu kigo cya RCS gishinzwe imyitwarire. <u>Akicro ka 2: Uburyo bwo gukurikirana amakosa yo mu rwego rw'akazi</u> <u>Ingingo ya 97: Gukorwa mu nyandiko kw'ikurikiranamakosa</u> Gukurikirana amakosa yo mu rwego rw'akazi no guhana bikorwa mu nyandiko. <u>Ingingo ya 98: Uburenganzira bwo kwisobanura</u> (1) Umukozi ushinzwe igorora afite uburenganzira bwo kumenyeshwa ibyo aregwa mu nyandiko no kubyisobanuraho mbere yo gufatirwa igihano cyo mu rwego rw'akazi. (2) Umukozi ushinzwe igorora atanga ibisobanuro mu gihe kitarenze iminsi itanu y'akazi uherye igihe yaboneye ibaruwa imusaba ibisobanuro.	(2) During disciplinary investigation, a correctional officer accused of a disciplinary fault referred to in Paragraph (1) is detained at RCS disciplinary centre. <u>Subsection 2: Disciplinary proceedings</u> <u>Article 97: Written nature of disciplinary proceedings</u> The disciplinary and repressive proceedings are written. <u>Article 98: Right to defense</u> (1) A correctional officer has the right to be informed in of the charges against him or her in wrting and to defend himself or herself against the charges before any disciplinary action is taken. (2) A correctional officer provides explanations within five working days from the date the correctional officer received the letter requesting for explanations.	(2) Au cours de l'enquête, l'agent correctionnel accusé de l'une des fautes disciplinaires visées au paragraphe (1) est détenu au centre disciplinaire du RCS. <u>Sous-section 2 : Procédure disciplinaire</u> <u>Article 97 : Caractère écrit de la procédure disciplinaire</u> La procédure disciplinaire et répressive se font par écrit. <u>Article 98 : Droit à la défense</u> (1) Un agent correctionnel a le droit d'être informé par écrit des accusations portées contre lui et de se défendre contre ces accusations avant qu'une mesure disciplinaire ne soit prise. (2) Un agent correctionnel fournit des xplications endéans cinq jours ouvrables à compter de la date de réception de la demande d'explications.
--	--	---

<u>Ingingo ya 99:</u> Impamvu zongera uburemere bw'ikosa Uburemere bw'ikosa ryo mu rwego rw'akazi buriyongera kandi hagatangwa igihano cyo mu rwego rwisumbuye iyo iryo kosa – (a) ryakozwe n'umukozi ushinzwe igorora ufite inshingano z'ubuyobozi; (b) ryagize ingaruka mbi; (c) ryakozwe n'itsinda ry'abantu bishyize hamwe ; (d) cyangwa ryakozwe ku rwego rw'isubirakosa mu gihe cy'umwaka umwe.	<u>Article 99:</u> Aggravating circumstances The severity of a disciplinary fault is aggravated and a sanction in a higher category is applied if the fault – (a) is committed by a correctional officer in a position of authority; (b) has caused harmful consequences; (c) is committed by a group of people; or (d) is committed in recidivism in the same year.	<u>Article 99 :</u> Circonstances aggravantes La gravité d'une faute disciplinaire est augmentée, et une sanction de la catégorie supérieure est appliquée, lorsque la faute – (a) est commise par un agent correctionnel en position d'autorité ; (b) a causé des conséquences néfastes ; (c) est commise par un groupe de personnes ; ou (d) est commise en récidive dans une même année.
<u>Ingingo ya 100:</u> Igihe ntarengwa cyo gusuzuma idosiye n'imenyesha ry'icyemezo (1) Komite ishinzwe imyitwarire ifata icyemezo ku idosiye mu gihe kitarenze iminsi umunani uherye ku munsu yashyikirijweho idosiye. (2) Icyemezo cya komite ishinzwe imyitwarire kimenyeshwa mu nyandiko umukozi ushinzwe igorora	<u>Article 100:</u> Time limit for examining the case file and notification of a decision (1) The disciplinary committee decides on the case within eight days starting from the date of reception of the case. (2) The decision of disciplinary committee is notified in writing to the correctional officer concerned who	<u>Article 100 :</u> Délai d'examen du dossier et notification de la décision (1) Le comité de discipline prend la décision sur un dossier dans un délai de huit jours à compter de la date de réception du dossier. (2) La décision du comité de discipline est notifiée par écrit à l'agent correctionnel concerné qui la signe pour accuser

bireba, na we agashyira umukono ku nyandiko yemeza ko yakibonye. <u>Ingingo ya 101:</u> Kujuririra icyemezo cyafashwe na Komite ya RCS ishinzwe imyitwarire (1) Umukozi ushinzwe igorora wahawe igihano cyo mu rwego rw'akazi afite uburenganzira bwo kujurira mu gihe kitarenze iminsi umunani uhaye ku munsu yamenyesherejweho icyemezo yafatiwe, iyo atishimiye icyemezo yafatiwe. Ubwo bujuriye ntibusubika igihano. (2) Ujurira ashyikiriza ubujuriye bwe mu nyandiko Komite ya RCS ishinzwe imyitwarire ku rwego rw'ubujuriye kandi bukamenyeshwa komite yafashe icyemezo.	signs it to acknowledge receipt of the notification. <u>Article 101:</u> Appeals against a decision of RCS disciplinary committee (1) A correctional officer who has been given a disciplinary sanction has the right to appeal within eight days from the date of notification of the decision taken against them, if the correctional officer is not satisfied with the decision rendered. The appeal does not suspend the sanction. (2) The appellant submits, in writing, their appeal to the RCS Disciplinary Committee at appeal level, with a copy to the committee which rendered the decision.	réception de la notification. <u>Article 101 :</u> Recours contre la décision du Comité de discipline du RCS (1) Un agent correctionnel qui a reçu la sanction disciplinaire a le droit d'introduire un recours dans un délai de huit jours à partir du jour de la notification de la décision prise contre lui, lorsqu'il n'est pas satisfait de la décision rendue contre lui. Le recours ne suspend pas la sanction. (2) Le requérant soumet, par écrit, son recours au Comité de discipline du RCS au niveau d'appel, avec copie au comité qui a pris la décision.
<u>Ingingo ya 102:</u> Umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga igihano cyo mu rwego rw'akazi Abayobozi bafite ububasha bwo gutanga ibihano byo mu rwego rw'akazi ni aba bakurikira: (a) umuyobozi ukuriye umukozi ushinzwe igorora ku rwego rwa mbere ku bihano	<u>Article 102:</u> Competent authority for imposition of a disciplinary sanction Competent authorities to impose disciplinary sanctions are the following: (a) the immediate supervisor of a correctional officer for sanctions of	<u>Article 102 :</u> Autorité compétente pour l'imposition d'une sanction disciplinaire Les autorités compétentes pour l'imposition des sanctions disciplinaires sont les suivantes: (a) le supérieur hiérarchique au premier degré de l'agent correctionnel pour les

byo mu rwego rwa mbere; (b) Umuyobozi Mukuru wa RCS ku gihano cyo kugororwa kirangirizwa mu kigo cya RCS gishinzwe imyitwarire; (c) umuyobozi ufite ububasha bwo kuzamura mu ipeti ku gihano cyo kwirukana umukozi ushinzwe igorora. <u>Ingingo ya 103: Ingaruka z'igihano cy'igifungo</u> Umukozi ushinzwe igorora wakatiwe n'urukiko igihano cy'igifungo kiri munsu y'amezi atandatu atinzwa kuzamurwa mu ipeti incuro imwe. <u>Ingingo ya 104: Gusubizwa mu kazi nyuma yo kurangiza igihano cyo kugororwa</u> Umukozi ushinzwe igorora urangije igihano cyo kugororwa yitaba ubuyobozi bushinzwe abakozi ku cyicaro cya RCS kugira ngo yongere ashirwe mu mwanya. <u>UMUTWE WA VIII: INGINGO ZINYURANYE</u>	the first category; (b) the Commissioner General of RCS for rehabilitation sanction to be enforced under RCS disciplinary centre; (c) the competent authority to promote in rank for the sanction of dismissal of a correctional officer. <u>Article 103: Effects of imprisonment</u> A correctional officer who is sentenced to a term of imprisonment less than six months is delayed in promotion in rank once. <u>Article 104: Re-integration into service after serving a rehabilitation sanction</u> A correctional officer who has completed their rehabilitation sanction reports to the department of human resources at the RCS head office for redeployment. <u>CHAPTER VIII: MISCELLANEOUS PROVISIONS</u>	sanctions de la première catégorie ; (b) le Commissaire Général du RCS pour une sanction de réhabilitation à purger dans le centre disciplinaire du RCS ; (c) l'autorité compétente pour l'avancement en grade pour la sanction de révocation d'un agent correctionnel. <u>Article 103 : Effets de l'emprisonnement</u> Un agent correctionnel condamné à une peine d'emprisonnement inférieure à six mois voit son avancement en grade retardé une fois. <u>Article 104 : Réintégration dans le service après avoir purgé la sanction de réhabilitation</u> Un agent correctionnel qui a purgé la sanction de réhabilitation se présente au département des ressources humaines au siège du RCS pour la réaffectation. <u>CHAPITRE VIII : DISPOSITIONS DIVERSES</u>
---	--	---

<u>Ingingo ya 105: Kwambara impuzankano ya RCS</u> Umukozi ushinzwe igorora uri ku kazi yambara impuzankano ya RCS. Icyakora umuyobozi ukuriye umukozi ushinzwe igorora ashobora kumwemerera kwambara imyambaro isanzwe ari ku kazi. <u>Ingingo ya 106: Indamukanyo</u> Umukozi ushinzwe igorora aramutsa umuruta mu buryo yabyigishijwe, umuruta na we akamwikiriza. <u>Ingingo ya 107: Ibimenyetso by'ishimwe</u> (1) Bisabwe na Komiseri Mukuru wa RCS, Minisitiri ufite serivisi z'igorora mu nshingano aha ikimenyetso cy'ishimwe umukozi ushinzwe igorora wabaye intangarugero mu kazi. (2) Umukozi ushinzwe igorora ashobora guhabwa ikimenyetso cy'ishimwe akiri mu kazi, ari mu kiruhuko cy'izabukuru cyangwa yarapfuye. (3) Umukozi ushinzwe igorora waherewe ikimenyetso cy'ishimwe mu rundi	<u>Article 105: Wearing RCS uniform</u> A correctional officer on duty wears RCS uniform. However, the supervisor may authorise a correctional officer to put on civilian clothes while on duty. <u>Article 106: Salute</u> A correctional officer salutes their superior in the manner taught and the latter responds to him or her. <u>Article 107: Honorary distinctions</u> (1) Upon request by the Commissioner General of RCS, the Minister in charge of correctional services awards with an honorary distinction to a correctional officer who has been exemplary in their work. (2) A correctional officer may be awarded with an honorary distinction while in service, retired or posthumously. (3) A correctional officer who has received an honorary distinction from	<u>Article 105 : Porter l'uniforme du RCS</u> Un agent correctionnel en service porte l'uniforme du RCS. Toutefois, le superviseur peut autoriser un agent correctionnel à porter la tenue civile au travail. <u>Article 106 : Salutation</u> L'agent correctionnel salue son supérieur tel qu'il lui été appris et le supérieur lui répond. <u>Article 107 : Distinctions honorifiques</u> (1) Sur proposition du Commissaire Général du RCS, le Ministre ayant les services correctionnels dans ses attributions décerne une distinction honorifique à un agent correctionnel qui s'est montré exemplaire dans son travail. (2) Un agent correctionnel peut recevoir une distinction honorifique en cours d'emploi, à la retraite ou à titre posthume. (3) Un agent correctionnel qui a reçu une distinction honorifique d'un autre
--	--	--

rwego akomeza kucyambara. (4) Urutonde rw'ibimenyetso by'ishimwe, imiterere yabyo n'ibigenderwaho mu kubitanga biri ku mugereka wa 2. <u>Ingingo ya 108: Ingengabihe y'akazi</u> (1) Imirimo ya RCS ikorwa amasaha 24 ku munsu mu minsi irindwi y'icyumweru. (2) Ubuyobozi bwa RCS bugena uko abakozi bashinzwe igorora basimburana ku munsu. <u>Ingingo ya 109: Ibiateganyijwe n'iri teka</u> Ibiateganyijwe muri iri teka bigengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta. <u>UMUTWE WA IX: INGINGO ZISOZA</u> <u>Ingingo ya 110: Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u> Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe	another organ continues to wear it. (4) The list of honorary distinctions, their designs and criteria for awarding them are in Annex 2. <u>Article 108: Working schedule</u> (1) RCS services are provided 24 hours a day for seven days a week. (2) The RCS administration organises the daily rotation of correctional officers. <u>Article 109: Matters not provided for by this Order</u> Matters not provided for by this Order are governed by the general statute governing public servants. <u>CHAPTER IX: FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 110: Authorities responsible for implementation of this Order</u> The Minister of Public Service and Labour, the Minister of Interior and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted	organe continue à la porter. (4) La liste des distinctions honorifiques, leurs modèles et critères d'attribution figurent à l'annexe 2. <u>Article 108 : Horaire de travail</u> (1) Les services du RCS sont fournis 24 heures par jour pendant sept jours de la semaine. (2) L'administration du RCS organise la rotation quotidienne des agents correctionnels. <u>Article 109 : Matières non prévues par le présent arrêté</u> Les matières non prévues dans le présent arrêté sont régies par le statut général régissant les agents de l'État. <u>CHAPITRE IX : DISPOSITIONS FINALES</u> <u>Article 110 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</u> Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre de l'Intérieur et le Ministre des Finances et de la Planification Économique
--	--	--

gushyira mu bikorwa iri teka. <u>Ingingo ya 111: Ingingo y’ururimi</u> Iri teka ryateguwe mu rurimi rw’Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 112: Gutangira gukurikizwa</u> Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.	with the implementation of this Order. <u>Article 111: Language provision</u> This Order was drafted in Ikinyarwanda. <u>Article 112: Entry into force</u> This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	sont chargés de l’exécution du présent arrêté. <u>Article 111 : Disposition linguistique</u> Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda. <u>Article 112 : Entrée en vigueur</u> Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
--	---	---

Kigali, 09/05/2025

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe

Prime Minister

Premier Ministre

(sé)

Amb. NKULIKIYINKA Christine

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Minister of Public Service and Labour

Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

UMUGEREKA WA 1 W'ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 009/03 RYO KU WA 09/05/2025 RISHYIRAHU SITATI YIHARIYE IGENGA ABAKOZI BASHINZWE IGORORA	ANNEX 1 TO PRIME MINISTER'S ORDER N° 009/03 OF 09/05/2025 ESTABLISHING THE SPECIAL STATUTE GOVERNING CORRECTIONAL OFFICERS	ANNEXE 1 À L'ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 009/03 DU 09/05/2025 PORTANT STATUT PARTICULIER RÉGISSANT LES AGENTS CORRECTIONNELS
---	--	--

IMITERERE Y'AMAPETI Y'ABAKOZI BASHINZWE IGORORA N'IBIYARANGA	DESIGN OF CORRECTIONAL OFFICERS RANKS AND INSIGNIA	FORME DES GRADES DES AGENTS CORRECTIONNELS ET INSIGNES
--	--	--

AMAPETI N'IBIYARANGA	RANKS AND INSIGNIA	GRADES ET INSIGNES
1. Commissioner General		
	 COLOR CODE #140D08 #D6D6D6 #29A6E5 #36772F #FEF64B	

Ipeti rya <i>Commissioner General</i> rirangwa – (a) n’agatambaro k’ibihogo byijimye kambarwa ku rutugu kadodeyeho ibiranga amapeti by’ibara rya feza bigizwe – (i) n’inyuguti «RCS» iri mu ibara rya feza; (ii) uducumu tubiri dusongoye tunyuranyemo tuzengurutswe n’urugori rukoze mu dushami tubiri tw’umuzeti; (iii)ikirango cya RCS; (iv) n’Ikirango cya Repubulika y’u Rwanda kiri hejuru y’ikirango cya RCS; (b) n’udutambaro tw’ibihogo byijimye twambarwa ku ikora tudodeyeho udushushanyo dutatu tw’ibibabi mu ibara rya feza, hejuru hari igipesu cy’ibara ry’ibihogo gifite ikirango cya RCS.	The rank of Commissioner General is marked with – (a) a dark chocolate epaulet embroidered with silver colour rank distinguishing marks composed of – (i) the letters “RCS” in silver colour; (ii) two crossed staves surrounded by a wreath of two olive branches; (iii)RCS logo; and (iv)the Seal of the Republic of Rwanda above the RCS logo; and (b) gorgets patch bearing three silver oak leaves, the top, a silver button bearing the RCS logo, on a dark chocolate strip of cloth worn on the collar tips.	Le grade de <i>Commissionner General</i> est indiqué par – (a) une épaulette de couleur chocolat foncé portant les marques distinctives de grade de couleur argentée composées – (i) des lettres « RCS » en couleur argentée ; (ii) de deux bâtonnets pointus croisés entourés d’une couronne de deux branches d’olivier ; (iii)du logo de RCS ; et (iv)du Sceau de la République du Rwanda au-dessus du logo de RCS; et (b) un hausse-col portant trois dessins de couleur argentée en forme de feuilles de chêne, au-dessus, un bouton de couleur argentée portant le logo du RCS, brodés sur une bande d’étoffe de couleur chocolat foncé pour l’embout du col.
---	--	---

2. Deputy Commissioner General		
 COLOR CODE #140D08 #D6D6D6 #29A6E5 #36772F #FEF64B		
Ipeti rya <i>Deputy Commissioner General</i> rirangwa – (a) n’agatambaro k’ibihogo byijimye kambarwa ku rutugu kadodeyeho ibirangamapeti by’ibara rya feza bigizwe – (i) n’inyuguti «RCS» iri mu ibara rya feza;	The rank of Deputy Commissioner General is marked with – (a) a dark chocolate epaulette embroidered with silver colour rank distinguishing marks composed of – (i) the letters “RCS” in silver colour;	Le grade de <i>Deputy Commissionner General</i> est indiqué par – (a) une épaulette de couleur chocolat foncé portant les marques distinctives de grade de couleur argentée composées – (i) des lettres « RCS » en couleur argentée;

(ii) uducumu dusongoye tubiri tunyuranyemo tuzengurutswe n'urugori rukoze mu dushami tubiri tw'umuzeti; (iii) inyenyeri ebyiri; (iv) n'Ikirango cya Repubulika y'u Rwanda kiri hejuru y'inyenyeri; (b) n'udutambaro tw'ibihogo byijimye twambarwa ku ikora tudodeyeho udushushanyo tubiri tw'ibibabi mu ibara rya feza, hejuru hari igipesu cy'ibara ry'ibihogo gifite ikirangantego cya RCS.	(ii) two crossed staves surrounded by a wreath of two olive branches; (iii) two stars; and (iv) the Seal of the Republic of Rwanda above the stars; and (b) gorgets patch bearing two silver oak leaves, the top, a silver button bearing the RCS logo, on a dark chocolate strip of cloth worn on the collar tips.	(ii) de deux bâtonnets pointus croisés entourés d'une couronne de deux branches d'olivier; (iii) de deux étoiles ; et (iv) du Sceau de la République du Rwanda au-dessus des étoiles ; et (b) un hausse-col portant deux dessins de couleur argentée en forme de feuilles de chêne, au-dessus un bouton de couleur argentée portant le logo RCS, brodés sur une bande d'étoffe de couleur chocolat foncé pour l'embout du col.
---	---	--

3. Commissioner



Ipeti rya <i>Commissioner</i> rirangwa – (a) n’agatambaro k’ibihogo byijimye kambarwa ku rutugu kadodeyeho ibirangamapeti by’ibara ry’feza bigizwe – (i) n’inyuguti «RCS» mu ibara rya feza; (ii) uducumu tubiri tunyuranyemo tuzengurutswe n’urugori	The rank of Commissioner is marked with – (a) a dark chocolate epaulette embroidered with silver colour rank distinguishing marks composed of – (i) the letters “RCS” in silver colour; (ii) two crossed staves surrounded by a wreath of two olive branches;	Le grade de <i>Commissionner</i> est indiqué par – (a) une épaulette de couleur chocolat foncé portant les marques distinctives de grade de couleur argentée composées – (i) des lettres « RCS » en couleur argentée ; (ii) de deux bâtonnets pointus croisés entourés d’une
---	---	--

rukoze mu dushami tubiri tw'umuzeti; (iii) inyenyeri imwe; (iv) n'Ikirango cya Repubulika y'u Rwanda kiri hejuru yayo; (b) n'udutambaro tw'ibihogo byijimye twambarwa ku ikora tudodeyeho agashushanyo k'ibibabi bibiri mu ibara rya feza, hejuru hari igipesu cy'ibara ry'ibihogo gifite ikirangantego cya RCS.	(iii) one star; and (iv) the Seal of the Republic of Rwanda above the star; and (b) gorgets patch bearing two silver oak leaves, the top, a silver button bearing the RCS logo, on a dark chocolate strip of cloth worn on the collar tips.	couronne de deux branches d'olivier ; (iii) d'une étoile ; et (iv) du Sceau de la République du Rwanda au-dessus de l'étoile ; et (b) un hausse-col portant dessin de couleur argentée en forme de deux feuilles de chêne, au-dessus, un bouton de couleur argentée portant le logo RCS, brodé sur une bande d'étoffe de couleur chocolat foncé pour l'embout du col.
--	--	---

4. Assistant Commissioner



COLOR CODE

#140D08 #D6D6D6 #29A6E5 #36772F #FEF64B

Ipeti rya <i>Assistant Commissioner</i> rirangwa – (a) n’agatambaro k’ibihogo byijimye kambarwa ku rutugu kadodeyeho ibirangamapeti by’ibara ry’feza bigizwe – (i) inyuguti «RCS»;	The rank of Assistant Commissioner is marked with – (a) a dark chocolate epaulette embroidered with silver colour rank distinguishing marks composed of – (i) the letters “RCS”;	Le grade d’<i>Assistant Commissionner</i> est indiqué par – (a) une épaulette de couleur chocolat foncé portant les marques distinctives de grade de couleur argentée composées – (i) des lettres « RCS » ;
---	---	--

(ii) uducumu tubiri tunyuranyemo tuzengurutswe n’urugori; (iii) n’Ikirango cya Repubulika y’u Rwanda kiri hejuru yabyo; (b) n’udutambaro tw’ibihogo byijimye twambarwa ku ikora tudodeyeho agashushanyo k’ikibabi mu ibara rya feza, hejuru hari igipesu cy’ibara ry’ibihogo gifite ikirangantego cya RCS.	(ii) two crossed staves surrounded by a wreath; and (iii) the Seal of the Republic of Rwanda above the wreath; and (b) gorgets patch bearing one silver oak leaf the top, a silver button bearing the RCS logo, on a dark chocolate strip of cloth worn on the collar tips.	(ii) de deux bâtonnets pointus croisés entourés d’une couronne ; et (iii) du Sceau de la République du Rwanda au-dessus de la gerbe ; et (b) un hausse-col portant un dessin de couleur argentée en forme de feuille de chêne, au-dessus, un bouton de couleur argentée portant le logo RCS brodé sur une bande d’étoffe de couleur chocolat foncé pour l’embout du col.
---	--	---

5. Chief Superintendent



Ipeti rya <i>Chief Superintendent</i> rirangwa – (a) n’agatambaro k’ibihogo byijimye kambarwa ku rutugu kadodeyeho ibirangamapeti by’ibara ry’feza bigizwe – (i) inyuguti «RCS» mu ibara rya feza; (ii) inyenyeri ebyiri;	The rank of Chief Superintendent is marked with – (a) a dark chocolate epaulette embroidered with silver colour rank distinguishing marks composed of – (i) the letters “RCS” in silver colour; (ii) two stars; and	Le grade de <i>Chief Superintendent</i> est indiqué par – (a) une épaulette de couleur chocolat foncé portant les marques distinctives de grade de couleur argentée composées – (i) des lettres « RCS » en couleur argentée ; (ii) de deux étoiles ; et
---	---	---

(iii) n'Ikirango cya Repubulika y'u Rwanda kiri hejuru y'inyenyeri; (b) n'udutambaro tw'ibihogo byijimye kambarwa ku ikora tudodeyeho uturongo duhagaze dufite santimetero enye, hejuru hari igipesu cy'ibara ry'ibihogo gifite ikirangantego cya RCS.	(iii) the Seal of the Republic of Rwanda above the stars; and (b) gorgets patch bearing vertical stripes measuring four centimeters the top, a silver button bearing the RCS logo on a dark chocolate strip of cloth worn on the collar tips,	(iii) du Sceau de la République du Rwanda au-dessus des étoiles ; et (b) un hausse-col portant des barres verticales de quatre centimètres, au-dessus, un bouton de couleur argentée portant le logo RCS inscrites sur une bande d'étoffe de couleur chocolat foncé pour l'embout du col.
--	---	---

6. Senior Superintendent



COLOR CODE

■ #140D08 ■ #D6D6D6 ■ #29A6E5 ■ #36772F ■ #FEF64B

Ipeti rya *Senior Superintendent* rirangwa n'agatambaro k'ibihogo byijimye kambarwa ku rutugu kadodeyeho ibirangamapeti by'ibara ry'feza bigizwe –

(a) inyuguti «RCS» mu ibara rya feza;

(b) inyenyeri imwe;

The rank of Senior Superintendent is marked with a dark chocolate epaulette embroidered with silver color rank distinguishing marks composed of –

(a) the letters “RCS” in silver colour;

(b) one star; and


Le grade de *Senior Superintendent* est indiqué par une épaulette de couleur chocolat foncé portant les marques distinctives de grade de couleur argentée composées –


(a) des lettres « RCS » en couleur argentée ;

(b) d'une étoile ; et

(c) n'Ikirango cya Repubulika y'u Rwanda hejuru y'inyenyeri.	(c) the Seal of the Republic of Rwanda above the star.	(c) du Sceau de la République du Rwanda au-dessus de l'étoile.
7. Superintendent		
 COLOR CODE #140D08 #D6D6D6 #29A6E5 #36772F #FEF64B		
Ipeti rya <i>Superintendent</i> rirangwa n'agatambaro k'ibihogo byijimye kambarwa ku rutugu kadodeyeho ibirangamapeti by'ibara ry'ibihogo rigizwe –	The rank of Superintendent is marked with a dark chocolate epaulette embroidered with silver colour rank distinguishing marks composed of –	Le grade de <i>Superintendent</i> est indiqué par une épaulette de couleur chocolat foncé portant les marques distinctives de grade de couleur argentée composées –
(a) inyuguti «RCS» mu ibara rya feza ;	(a) the letters “RCS” in silver colour; and	(a) des lettres « RCS » en couleur

(b) n'Ikirango cya Repubulika y'u Rwanda hejuru y'inyuguti "RCS".	(b) the Seal of the Republic of Rwanda above the letters "RCS".	argentée ; et (b) du Sceau de la République du Rwanda au-dessus des lettres « RCS ».
8. Chief Inspector		
COLOR CODE  #140D08  #D6D6D6		
Ipeti rya <i>Chief Inspector</i> rirangwa n'agatambaro k'ibihogo byijimye kambarwa ku rutugu kadodeyeho ibirangamapeti by'ibara rya feza bigizwe – (a) inyuguti «RCS» mu ibara rya feza;	The rank of Chief Inspector is marked with a dark chocolate epaulette embroidered with silver colour rank distinguishing marks composed of – (a) the letters "RCS" in silver colour; and	Le grade de <i>Chief Inspector</i> est indiqué par une épaulette de couleur chocolat foncé portant les marques distinctives de grade de couleur argentée composées –

(b) n'inyenyeri eshatu.	(b) three bath stars.	(a) des lettres « RCS » en couleur argentée ; et (b) de trois étoiles.
9. Inspector		
 COLOR CODE ■ #140D08 ■ #D6D6D6		
Ipeti rya <i>Inspector</i> rirangwa n'agatambaro k'ibihogo byijimye kambarwa ku rutugu kadodeyeho ibirangamapeti by'ibara rya feza bigizwe – (a) inyuguti «RCS» mu ibara rya feza;	The rank of Inspector is marked with a dark chocolate epaulette embroidered with silver colour rank distinguishing marks composed of – (a) the letters “RCS” in silver colour; and	Le grade d' <i>Inspector</i> est indiqué par une épaulette de couleur chocolat foncé portant les marques distinctives de grade de couleur argentée composées – (a) des lettres « RCS » en couleur

(b) n'inyenyeri ebyiri.	(b) two bath stars.	argentée; et (b) de deux étoiles.
10. Assistant Inspector		
 COLOR CODE #140D08 #D6D6D6		
Ipeti rya <i>Assistant Inspector</i> rirangwa n'agatambaro k'ibihogo byijimye kambarwa ku rutugu kadodeyeho ibirangamapeti by'ibara rya feza bigizwe n'–	The rank of Assistant Inspector is marked with a dark chocolate epaulette embroidered with silver colour rank distinguishing marks composed of –	Le grade d' <i>Assistant Inspector</i> est indiqué par une épaulette de couleur chocolat foncé portant les marques distinctives de grade de couleur argentée composées –

(a) inyuguti za «RCS» mu ibara rya feza; (b) n'inyenyeri imwe.	(a) the letters “RCS” in silver colour; and (b) one star.	(a) des lettres « RCS » en couleur argentée ; et (b) d'une étoile.
11. Chief Sergeant		
COLOR CODE #140D08 #D6D6D6 #D4C79D		
Ipeti rya <i>Chief Sergeant</i> rirangwa n'agatambaro k'ibihogo byijimye gafite ishusho nk'iy'igice cy'ingabo, kadodeyeho ikirango cya RCS, kambarwa ku gice cyo hejuru cy'ukuboko kw'iburyo.	The rank of Chief Sergeant is composed of a dark chocolate strip of cloth in form of a shield vector, embroidered with the RCS logo, worn on the upper part of the right sleeve.	Le grade de <i>Chief Sergeant</i> est indiqué par un galon de couleur chocolat foncé en forme de vecteur de bouclier, constitué du logo de RCS porté sur la partie supérieure de la manche droite.

12. Senior Sergeant



COLOR CODE

■ #140D08 ■ #D6D6D6

Ipeti rya *Senior Sergeant* rirangwa n'agatambaro k'ibihogo byijimye gateye nka kimwe cya kabiri cya mpandesheshatu ndinganire kambarwa ku gice cyo haruguru cy'ukuboko kw'iburyo, kadodeyeho udukoni dutatu tw'ibara rya feza dushushanyije nk'inyuguti ya «V» n'ishusho ya kare mu ibara rya feza hejuru yatwo.

The rank of Senior Sergeant is marked with a dark chocolate strip of cloth in the shape of a regular half- hexagon on the upper part of the right sleeve with a three-bar silver chevron placed with the point down and a silver colored square figure above it.

Le grade de *Senior Sergeant* est indiqué par un galon de couleur chocolat foncé en forme de demi- hexagone régulier porté sur la partie supérieure de la manche droite avec un triple chevron de couleur argentée pointant vers le bas et une figure en carré de couleur argentée au-dessus d'eux.

13. Sergeant		
 COLOR CODE #140D08 #D6D6D6		
Ipeti rya <i>Sergeant</i> rirangwa n’agatambaro k’ibihogo byijimye gafite ishusho y’inyuguti ya «V» kambarwa ku gice cyo haruguru cy’ukuboko kw’iburyo, kadodeyeho udukoni dutatu turi mu ibara rya feza dushushanyije nk’inyuguti ya «V».	The rank of Sergeant is marked with a dark chocolate strip of cloth in the form of a chevron on the upper of the right sleeve with a three-bar silver colour chevron placed with the point down.	Le grade de <i>Sergeant</i> est indiqué par un galon de couleur chocolat foncé en forme d’un chevron porté sur la partie supérieure de la manche droite avec un triple chevron de couleur argentée pointant vers le bas.

14. Corporal		
 COLOR CODE #140D08 #D6D6D6		
Ipeti rya <i>Corporal</i> rirangwa n’agatambaro k’ibihogo byijimye gafite ishusho y’inyuguti ya «V» kambarwa ku gice cyo haruguru cy’ukuboko kw’iburyo, kadodeyeho udukoni tubiri turi mu ibara rya feza dushushanyije nk’inyuguti ya «V».	The rank of Corporal is marked with a dark chocolate strip of cloth in the form of a chevron on the upper of the right sleeve with a two-bar silver chevron colour placed with the point down.	Le grade de <i>Corporal</i> est indiqué par un galon de couleur chocolat foncé en forme de chevron porté sur la partie supérieure de la manche droite avec un double chevron de couleur argenté pointant vers le bas.
15. Warder		
Ipeti ry’Umuwada rirangwa gusa n’impuzankano iranga abakozi bashinzwe igorora.	The rank of Warder has full uniform of correctional officers.	Le grade de Surveillant est indiqué par l’uniforme complet des agents correctionnels.

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 009/03 ryo ku wa 09/05/2025 rishyiraho sitati yihariye igenga abakozi bashinzwe igorora	Seen to be annexed to Prime Minister's Order n° 009/03 of 09/05/2025 establishing the special statute governing correctional officers	Vu pour être annexé à l'Arrêté du Premier Ministre n° 009/03 du 09/05/2025 portant statut particulier régissant les agents correctionnels
---	--	--

Kigali, 09/05/2025

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe

Prime Minister

Premier Ministre

(sé)

Amb. NKULIKIYINKA Christine

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Minister of Public Service and Labour

Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

UMUGEREKA WA 2 W'ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 009/03 RYO KU WA 09/05/2025 RISHYIRAHU SITATI YIHARIYE IGENGA ABAKOZI BASHINZWE IGORORA	ANNEX 2 TO PRIME MINISTER'S ORDER N° 009/03 OF 09/05/2025 ESTABLISHING THE SPECIAL STATUTE GOVERNING CORRECTIONAL OFFICERS	ANNEXE 2 À L'ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 009/03 DU 09/05/2025 PORTANT STATUT PARTICULIER RÉGISSANT LES AGENTS CORRECTIONNELS
---	--	--

IMITERERE Y'IBIMENYETSO BY'ISHIMWE N'IBIGENDERWAHO MU ITANGWA RYABYO	DESIGNS OF HONORARY DISTINCTIONS AND CRITERIA FOR AWARDING	FORMES DES DISTINCTIONS HONORIFIQUES ET LES CRITÈRES DE LEUR ATTRIBUTION
--	--	--

IMIDARI NA RIBBONS	MEDALS AND RIBBONS	MÉDAILLES ET RUBANS
1. UMUDARI NA RIBBON BY'ICYUBAHIRO BYA RCS (COH)	1. MEDAL AND RIBBON OF RCS ORDER OF HONOUR MEDAL (COH)	1. MÉDAILLE ET RUBAN DE L'ORDRE D'HONNEUR DU RCS (COH)
		

